# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-70 TARIKI 11 - 17 KANAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw






AMAKURU

Amb. Nduhungirehe yeretse Afurika uko yakoresha AI mu kwirinda ibirimo iterabwoba



2

AMAKURU

Amanota y'abanyeshuri bo mu y'abanza n'Icyiciro rusange azatangazwa ku wa 20 Kanama 2026



11

UBUKUNGU

Ubuhinzi n'ubworozi byinjirije u Rwanda asaga Tiriyali 1,5 Frw mu 2025/26



13

MU NTARA

Nyagatare – Karama: Abagore bavuga imyato amatsinda yo kwizigamira abateza imbere



18-19


# Mudufashe cyane turwanye 'ibyuma' - Minisitiri w'Intebe abwira abanyamadini n'amatorero




**Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yasabye abayobora amadini n'amatorero gufasha Leta guca burundu inzoga z'ibyuma**

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yasabye abayobozi b'amadini n'amatorero gukomeza gufatanya na Leta mu rugamba rwo guca burundu ibinyobwa bitemewe bitujuje ubuziranenge, bizwi nk' 'ibyuma', kuko byangiza ubuzima bw'Abanyarwanda, by'umwihariko urubyiruko.***

Yabigarutseho kuri iki Cyumweru tariki ya 16 Kanama 2026, mu ijambo yagejeje ku bitabiriye igiterane ngarukamwaka cya 'Rwanda Shima Imana', gihuza abayoboke b'amadini n'amatorero mu gushimira Imana ibyiza yakoreye u Rwanda, kikaba cyitabiriwe n'abantu basaga ibihumbi 40 by'Abanyarwanda n'inshuti z'u Rwanda, kibera mu Mujyi wa Kigali muri Sitade Amahoro.

Minisitiri w'Intebe yashimye uruhare rw'amadini n'amatorero mu gufasha Leta kubaka Umunyarwanda ufite indangagaciro nzima,

KOMEZA KU RUP.3

## Umuganga yagenze ibilometero 4 000 aje gutabara uruhinja i Kigali

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Dr. Sagi Assa, umuganga w'inzobere mu kubaga umutima ukomoka muri Isiraheli, akomeje kuvugwa imyato n'abakurikirana iby'ubuvuzi ku Isi ku bw'ubutwari yagaragaje ubwo yitabazwaga ngo aze gutabara uruhinja rumaze umunsi umwe ruvukanye ikibazo cy'umutima.***

Uyu muganga avugwaho kuba yarakoze ibilometero 4 000 mu ndege aje gufasha Dr. Gerard Misago kuvura kijyambere uyu mwana wari ubaye uwa mbere uhawe iyo serivisi y'ubuvuzi akiri uruhinja mu Rwanda.

Icyo gikorwa cyo gutabara ubuzima bw'uruhinja rwiswe

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Amb. Nduhungirehe yeretse Afurika uko yakoresha AI mu kwirinda ibirimo iterabwoba

ZIGAMA Theoneste

*Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Nduhungirehe Olivier, yatangaje ko Afurika igomba kubaka ubushobozi bwayo mu bijyanye no gukoresha ubwenge buhangano (AI), kugira ngo ibashe kurinda umutekano n'ubusugire bwayo harimo no kurinda iterabwoba. Yabigarutseho kuri uyu wa Gatatu, tariki ya 12 Kanama, ubwo hatangizwaga ibiganiro byo ku rwego rwo hejuru by'Inama Mpuzamahanga ku Mutekano wa Afurika (ISCA) iteraniye i Kigali.*



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe yeretse Afurika uko yahangana n'iterabwoba ikoresheje AI

Iyi nama yahuje abayobozi bashinzwe umutekano, abafata ibyemezo, abashakashatsi, inzobere mu ikoranabuhanga ndetse n'abafatanyabikorwa mu iterambere, kugira ngo basuzume ingaruka ikoranabuhanga ryigenga n'ubwenge buhangano (AI) bishobora kugira ku mutekano n'ingabo bya Afurika.

Nduhungirehe yagize ati: “Uburyo bwigenga bw'ikoranabuhanga n'ubwenge buhangano bigenda birushaho kuboneka no kugerwaho na benshi, harimo n'abarikoresha batari ibihugu cyangwa inzego za Leta.

Ibi bisobanuye ko inzego zacu z'ingabo n'iz'umutekano zigomba gukomeza guhindura imikorere no kugendana n'iterambere ryabyo, ndetse zikagira ubushobozi bwo guhora ziri imbere. Afurika ntishobora kwemera gusigara inyuma mu gihe iri koranabuhanga rikomeje gutera imbere.”

Ikoranabuhanga ryigenga (autonomous technologies) ni sisitemu zishobora kumenya no gusobanukirwa ibizikikije, gufata ibyemezo no gukora imirimo runaka, mu gihe uruhare rw'umuntu mu kuzikurikirana no kuzigenzura buri gihe ruba ari ruto cyangwa rudahari.

Rishobora kuba rigizwe na porogaramu zikoresha ubwenge buhangano (AI), za robo, ibinyabiziga byigenga ndetse n'izindi sisitemu zishobora kwihuza n'impinduka z'ibidukikije cyangwa imiterere y'akazi ziri gukoramo.

Minisitiri Nduhungirehe yagize ati: “Muri icyo gihe, sisitemu zigenga z'ikoranabuhanga zishobora no gutanga amahirwe. Zishobora kudufasha kurushaho guhangana neza n'ibibazo bimwe na bimwe by'ingutu by'umutekano dufite, birimo iterabwoba, imitwe yitwaje intwaro ndetse n'ibyaha by'imitwe y'abagizi ba nabi”.

Yavuze ko ubushobozi bwa Afurika bwo kungukira mu bwenge buhangano (AI) no muri iri koranabuhanga buzashingira ku bushobozi bwo guteza imbere ubumenyi, inzego n'ubuhanga bukenewe kugira ngo iri koranabuhanga rikoreshwe kandi rihuzwe n'ibikenewe byihariye ku Mugabane wa Afurika. Amb. Nduhungirehe yavuze ko gushimangira ubushobozi bw'ibihugu bya Afurika ari ingenzi mu gihe ibi bihugu bikomeje guhangana n'imiterere y'umutekano igenda irushaho gushingira ku ikoranabuhanga.

Umuyobozi Nshingwabikorwa wa ISCA, Ambasaderi Lt Gen (Rtd) Frank Mushyo Kamanzi, yavuze ko iterambere ry'ubwenge buhangano (AI) ndetse na sisitemu zigenga zikoreshwa mu kirere, mu mazi no ku butaka, bigenda bigira uruhare rukomeye mu ntambara, umutekano w'imipaka, ibikorwa byo gushyigikira amahoro ndetse no mu kurinda umutekano w'ibihugu.

Yavuze ko sisitemu zigenga, mbere zafatwaga nk'ikoranabuhanga ry'ahazaza, ubu zigenda ziba kimwe mu bigize imiterere y'intambara n'imikorere y'umutekano muri iki gihe.

Ingero z'iri koranabuhanga zatangiye kugaragara mu ntambara zimwe na zimwe ziri kubera ku Isi mu bitangazamakuru hakwirakwiye amakuru avuga ko Ingabo za Ukraine bivugwa ko zakoresheje intwaro zikoresha ubwenge buhangano, zirimo sisitemu zakorewe muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika zizwi nka ‘Switchblade 300’ na ‘Switchblade 600’, zishobora kumenya aho zigomba kugana ndetse zikihitiramo aho zigomba kurasa.

Itsinda ry'Impuguke ry'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Umutekano kuri Libya na ryo ryatangaje ko Drone yakorewe muri Türkiye yitwa ‘Kargu-2’ yakoreshejwe mu ntambara yo muri Libya mu 2020, ikaba yarashoboraga kumenya no kugaba igitero aho ari ho hose, bidasabye gukomeza kugenzurwa n'umuntu.

Kamanzi yavuze ko kuri Afurika, izi mpinduka mu ikoranabuhanga zizana amahirwe ariko zikagira n'imbogamizi. Ati: “Sisitemu zigenga zifite ubushobozi bukomeye bwo kongera ubushobozi bwo gukusanya amakuru y'ubutasi, kunoza igenzura ry'imipaka, gufasha mu mutekano wo mu nyanja, kurinda ibikorwa remezo by'ingenzi ndetse no kugabanya ibyago bishobora kugera ku basirikare n'abakozi bashinzwe umutekano, n'ibindi.”

Yagaragaje kandi ko hakenewe guteza imbere ubumenyi, ubushobozi mu by'ikoranabuhanga n'inzego bikenewe kugira ngo sisitemu zigenga zishobore gukoreshwa no gukomeza kubungabungwa neza.

Kamanzi yavuze ko Afurika ikwiye kurushaho kugira uruhare mu biganiro mpuzamahanga bigamije gushyiraho umurongo ngenderwaho ku iterambere no ku micungire ya sisitemu zigenga, aho gutegereza gusa kugendera ku byemezo bifatwa n'ahandi ku Isi.





# Mudufashe cyane turwanye ‘ibyuma’ - Minisitiri w'Intebe abwira abanyamadini n'amatorero

IBIKURIKIRA URUP.3

kwimakaza umuryango utekanye, amahoro no kubanisha neza Abanyarwanda.

Yabasabye kudahwema gufatanya na Leta mu rugendo rw'iterambere no gukomeza kwigisha abaturage kwirinda ibishobora kubadindiza.

Ati: “Turongera gusaba abayobora amadini n'amatorero gukomeza kwigisha Abanyarwanda kwita ku bibateza imbere no kwivana mu bukene, birinda ababashuka babajyana mu nzira zitari nziza.”

**Yasabye amadini n'amatorero kurwanya ‘ibyuma’**

Minisitiri w'Intebe yavuze ko ikibazo cy'ubusinzi, cyane cyane mu rubyiruko, kigikomeje kugaragara kandi ko buri wese akwiye kugira uruhare mu kugihashya.


Aba ni bamwe mu bitabiriye Rwanda shima Imana

Yavuze ko nubwo benshi mu bayoboke b'amadini n'amatorero batanywa inzoga, bakwiye gukomeza gufatanya na Leta mu kurwanya ibinyobwa bitemewe kandi bitujuje ubuziranenge, mu rwego rwo kurengera ubuzima bw'Abanyarwanda.

Yagize ati: “Mudufashe cyane turwanye ibyuma, tubirwanye kuko byangiza urubyiruko rwacu, bigasenya imiryango, bikadindiza imiryango ndetse bikaba n'intandaro y'amakimbirane.”

Minisitiri w'Intebe yakomeje avuga ko amadini n'amatorero akomeje kugira uruhare mu kwigisha Abanyarwanda, by'umwihariko urubyiruko, kwirinda ubusinzi, imico mibi n'ibindi bikorwa binyuranyije n'umuco nyarwanda.

Yagize ati: “Amadini n'amatorero mugera ku bantu benshi kandi mugira uruhare runini mu guhindura ubuzima bw'abaturage. Dufatanyije turifuza ko Abanyarwanda bose, by'umwihariko urubyiruko, bakomeza kubungabunga impano y'ubuzima Imana yaduhaye kugira ngo n'imbaraga Imana yaduhaye tuzikoreshe mu kwita ku miryango yacu.”

Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyuma yavuze ko umuryango ukomeye ari wo shingiro ry'igihugu gikomeye, asaba amadini n'amatorero gukomeza gushishikariza Abanyarwanda kubaka ingo zirangwa n'urukundo, kubahana n'ubwumvikane.

Ati: “Nk'uko inzu ikomeye yubakwa ku musingi ukomeye, ni ko n'igihugu gikomeye gishingira ku miryango ikomeye. Ni yo mpamvu mwadufasha abashaka kubaka imiryango kurushaho kubaka ingo zishingiye ku rukundo no kubahana, kuko ari byo bishyigikira abana mu gukura bafite uburere bwiza n'indangagaciro bibereye Igihugu cyacu.”

Yibukije abayobozi b'amadini n'amatorero ko ari abafatanyabikorwa ba Leta, abasaba gukomeza gufasha abaturage kurwanya igwingira ry'abana, kubashishikariza kujya mu mashuri no kugira uruhare mu bikorwa bigamije guteza imbere imibereho y'Abanyarwanda.

Yabibukije ko igiterane cya ‘Rwanda Shima Imana gikwiye kuba umwanya wo gushima ariko ko buri wese akwiye kumva ko afite uruhare mu gutuma Igihugu gitera imbere.

‘Rwanda Shima Imana’ ni igiterane ngarukamwaka cyatangiye mu 2012, gihuza abayoboke b'amadini n'amatorero atandukanye mu gushimira Imana ibyiza yakoreye u Rwanda.

# Umuganga yagenze ibilometero 4 000 aje gutabara uruhinja i Kigali

IBIKURIKIRA URUP.3

Angel cyangenze neza, afashwa gufungurirwa imitsi itwara amaraso mu bihaha iyavanye mu mutima (imijyana / arteries), ikaba ari intambwe ikomeye yatewe mu buvuzi bw'abana bato bavukana ibibazo bikomeye by'indwara z'umutima mu Rwanda.

Angel yavukanye ikibazo cyo kuziba kw'imijyana (pulmonary valve stenosis), bibuza ugutembera kw'amaraso ava mu mutima yerekeza mu bihaha. Uyu mwana yabanje kugezwa mu bitaro bitandukanye mbere yo kugezwa ku Bitaro Byitiriwe Umwami Faisal mu Mujyi wa Kigali.


Kuri ibyo bitaro ni ho abaganga bamusuzumye bagasanga akeneye kuvurwa mu buryo bugezweho, ahafungurwa imijyana hatabanje kubaho kumubaga ahubwo hifashishijwe udukoresho tuzibura imitsi (catheterization). Nk'uko bishimangirwa n'Ikinyamakuru Jewish Report, gufungura udutsi twa Angel byari bigoye cyane bitewe n'ingano y'ingingo ze ndetse no kuba akiri uruhinja rutaranakomera.

Dr. Assa, ukuriye Ishami ry'ubutabazi rishinzwe ubuvuzi bw'imitima y'abana mu Kigo cy'Ubuvuzi cyitwa Wolfson muri Isiraheli gitanga serivisi z'ubuvuzi mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere ari na ko gitoza abaganga gutanga serivisi zirambye z'ubuvuzi bw'umutima mu bihugu byabo, yitabajwe na Dr. Misago mu minsi ine mbere y'uko agera mu Rwanda.

Dr. Misago n'abaganga bakorana bari bamaze kwanzura ko ubuvuzi uyu mwana akeneye guhabwa bwihutirwa ari ubwo kumufasha atabanje kubagwa byeruye. Uyu muganga wo muri Isiraheli yaje kubafasha kubera ko biri mu byo yijeje Dr. Misago ubwo yongeraga ubumenyi muri icyo kigo cy'ubuvuzi cya Wolfson.

Ati: “Igihe Dr. Misago yahugurirwaga mu Kigo cy'Ubuvuzi cya Wolfson, namwijeje ko njye n'itsinda ry'inzobere mu buvuzi bw'umutima tuzakomeza kumushyigikira no kumugira inama nyuma yo kugaruka mu Rwanda. Kubera ko ubu buvuzi butari bwarigeze bukorerwa mu Rwanda, namubwiye ko ngiye kuza kumufasha kuko isezerano natanze nagombaga kurisohoza.”

Ubwo buvuzi bwasabye ubwitonzi buhambaye kuko babukoreye ku ngingo z'uruhinja zitarakura, kandi byasabye kugenzura umutima we wose kugira ngo hatagira ikosa na rimwe riba muri ubwo buvuzi. Dr. Assa avuga ko ubu buvuzi ku mpinja zikivuka buba bugoye cyane, bwuzuye ingorane nyinshi kandi ari ikibazo cyo gupfa no gukira. Avuga ko izo ngorane zose zari zibari imbere, ari na yo mpamvu nk'impuguke yahatiwe kuza gutanga umusanzu we nk'imbonankubone.


Dr. Assa ashimirwa ko yafashe urugendo rw'ibilometero bisaga 4 000 aje gutabara uruhinja rukivuka

Ati: “Nashakaga guharanira ko umwana avurwa atekanye ari na ko nkomeza no kongerera imbaraga Dr. Gerard Misago nk'umwe mu bahanga mu gutanga ubutabazi bwihuse mu buvuzi bw'umutima u Rwanda rufite.”

Akomeza avuga ko nta cyamushimishije nko kubona akanyamuneza ku mubyeyi wa Angel ubwo yatangarizwaga ko umwana we yavuwe kandi ameze neza.

Dr. Misago ahamya ko yigiye ku birenge by'inzobere mu buvuzi bw'indwara z'umutima muri Isiraheli, ahakura ubumenyi buhambaye bwajyanye n'ubunararibonye yaboneye mu mahugurwa y'ubuvuzi bw'indwara z'umutima.

Ati: “Nakoraga ubwo buvuzi nkurikiranwa n'inzobere muri Isiraheli, bityo rero igihe namazeyo cyanteguriye kuyobora no gukora ubuvuzi bw'ubu bwoko.”

Mu buvuzi bwahawe Angel, Dr. Misago ni we wayoboye icyo gikorwa, mu gihe Dr. Assa yamufashaga ari kumwe na Dr. Christine Niyibogora waterega ikinya umwana ngo atababara.

Dr. Niyibogora na we yongerewe ubumenyi muri gahunda ya ‘Save a Child's Heart’, akaba afite ubunararibonye n'ubuhanga bujyana no kwigirira icyizere mu murimo wagutse w'ubuvuzi bw'indwara z'umutima.

Yagize ati: “Byanyigishije kubona ibibazo bishobora kuvuka, gufata imyanzuro ikomeye kandi mu bihe bitoroshye, no kwita by'umwihariko ku barwayi bababaye kurusha abandi. Hejuru ya byose muri iyi gahunda naboneyemo ubumenyi nagarukanye mu Rwanda nkaba mbukoresha mu kubaka ubushobozi bw'Igihugu no kunoza serivisi z'ubuvuzi bw'indwara z'umutima ku bana bato.”

Nk'umuhanga mu gutera ikinya, Dr. Niyibogora yasabwaga gufasha umwana kuguma atuje muri icyo gikorwa. Asobanura ko abana b'impinja baba bafite ingingo nto cyane, aho impinduka zibaye mu kubona umwuka, mu muvuduko w'amaraso, imiterere y'umutima cyangwa impinduka z'ubushyuhe bishobora gukomerera ubuzima bw'umwana byihuse.

Ubuvuzi bw'indwara z'umutima mu Rwanda bukomeje gutera imbere binyuze mu Bitaro Bikuru birimo ibyitiriwe Umwami Faisal, ahatangirwa serivisi zo gusuzuma, gutanga imiti, no kubaga imitima bifashishije ubwishingizi bw'ubuzima nka Mituweli (Mituelle de Santé), ndetse hakaba hifashishwa n'inzobere zituruka hanze mu gihe hagiteganywa n'ibindi bikorwa remezo bishya.

# Paris: Urukiko Rusesa Imanza rwateye utwatsi ubusabe bwa Lt. Col. Kayumba bwo kutaburanishwa

SHEMA Ivan

***Ubutabera bw'u Bufaransa bwemeje bidasubirwaho ko Umunyarwanda Lt Col Cyprien Kayumba wari mu Ngabo zatsinzwe (Ex- FAR), ko agezwa imbere y'urukiko kugira ngo aburanishwe ku byaha bifitanye isano na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Uyu mwanzuro wafashwe nyuma yaho tariki ya 29 Nyakanga Urukiko Rusesa Imanza rwa Paris mu Bufaransa ruteye utwatsi ubusabe bwe bwo kudakurikiranwa n'ubutabera. Lt Col Kayumba ashinjwa kuba ari we wari ushinzwe kugura intwaro mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ubushinjacyaha buvuga ko yari ku isonga mu bikorwa byose bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse yari mu nama yahuje ba Ofisiye bakuru mu ngabo mu ijoro ry'itariki ya 6 rishyira uwa 7 Mata 1994, nyuma y'ihanurwa ry'indege ya Juvénal Habyarimana wayoboraga u Rwanda, habaye inama ikomeye cyane y'ubuyobozi bukuru bwa Ex-FAR yari iyobowe na Col Théoneste Bagosora.

Ubushinjaha bukomeza buvuga ko icyo gihe Cyprien Kayumba yakoze byinshi mu gushaka intwaro ndetse akabikomereza i Goma na Kishansa muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo nyamara Umuryango w'Abibumbye wari warakomanyirije Leta y'u Rwanda kugura intwaro mu mahanga.

Uyu musirikare yemereye abagenzacyaha ko yaguze intwaro mu mahanga, ariko ko atari azi ko zifashishwa muri Jenoside, kandi ko ibyo yakoze byose byashingiraga ku ibwiriza yahabwaga na Minisiteri y'Ingabo. Gusa Ubushinjacyaha bw'u Bufaransa bwagaragaje ko adakwiye kwizerwa.



Urukiko Rusesa Imanza rwa Paris rwahakanye ubujurire bwa Lt Col Cyprien Kayumba

Muri Mutarama 2025, abacamanza bo mu Bufaransa bafashe icyemezo cyo guhagarika iperereza kuri Lt. Col. Kayumba, bagaragaza ko nta bimenyetso bihagije byerekana ko uyu musirikare yagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umunyamategeko w'Umuryango w'Abanyarwanda baba mu Bufaransa, Me Gisagara Richard, yatangaje ko umwanzuro w'Urukiko rusesa imanza usobanuye bidasubirwaho ko Lt. Col. Kayumba azaburanishwa. Me Gisagara yagize ati: "Bidasubirwaho, dosiye y'uwahoze ari Lieutenant Col muri FAR, Cyprien Kayumba, yahawe Urukiko rwa Rubanda kugira ngo rumuburanishe by'umwihariko ubufatanyacyaha muri Jenoside."

Ishami ry'Ubushinjacyaha bw'u Bufaransa rishinzwe gukurikirana ibyaha by'iterabwoba (PNAT) ryajuririye uyu mwanzuro, rigaragaza ko hari ibimenyetso byirengagijwe muri iyi dosiye. Uyu munyamategeko yagaragaje ko nyuma y'imyaka 24 umuryango w'Abanyarwanda baba mu Bufaransa, Survie na FIDH imutanzeho ikirego, igihe kigeze ngo abazwe uruhare ashinjwa muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

# NEC yatangiye kwakira kandidatire z'abifuza gusimbura Depite Icyitegetse weguye


NEC yatangiye kwakira kandidatire z'abifuza guhatanira umwanya w'Umudepite uhagararira urubyiruko mu Nteko Ishinga Amategeko

ZIGAMA Theoneste

***Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) yatangiye kwakira kandidatire z'abifuza guhatanira umwanya w'Umudepite uhagararira urubyiruko mu Nteko Ishinga Amategeko. Uwo mwanya warimo Icyitegetse Venuste weguye. Ni nyuma y'uko Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, amenyesheje NEC ukwegura kwa Icyitegetse, binyuze mu ibaruwa Nº 646/P/CD/AE/FN/2026 yo ku wa 11 Kamena 2026.***

Mu itangazo NEC yashyize ahagaragara yavuze ko ishingiye ku ngingo ya 90 y'Itegeko Ngenga Nº 002/2026.0L ryo ku wa 25 Gicurasi 2026 rigenga amatora, hateganyijwe amatora yo gusimbura Umudepite utari ku ilisiti y'umutwe wa politiki cyangwa iy'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki.

NEC yatangaje ko umuntu ushaka kwiyamamariza uwo mwanya agomba kuba ari Umunyarwanda ufite nibura imyaka 21 kandi atarengeje 30, akaba inyangamugayo ndetse nta nzitizi afite zituma atandikwa ku ilisiti y'itora.

Kandidatire y'umukandida igomba kuba iherekejwe n'inyandiko itanga kandidatire iriho amazina ye yose ahwanye n'ari ku ikarita ndangamuntu, umwirondoro ugaragaza umurimo akora, aho yavukiye, itariki y'amavuko n'aho aba.

Harasabwa kandi kopi y'ikarita ndangamuntu, icyemezo cy'amavuko gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha, icyemezo cy'imyitwarire myiza, amafoto abiri magufi y'amabara ndetse n'icyemezo kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko, cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha kandi kitararengeje igihe.

Mu zindi nyandiko zisabwa harimo icyemezo cya muganga wemewe ndetse n'inyandiko umukandida yashyizeho umukono cyangwa igikumwe, yemeza ko inyandiko yasabwe kandi yatanze ari ukuri.

NEC yatangaje ko kwakira kandidatire byatangiye ku wa 10 Kanama 2026, bikazasozwa ku wa 14 Kanama 2026.

Kandidatire zakirirwa ku cyicaro cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, kuva saa tatu za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba.

Ingengabihe y'amatora ya NEC igaragaza ko urutonde rw'agateganyo rw'abakandida bemerewe guhatanira uwo mwanya ruzatangazwa ku wa 17 Kanama 2026, mu gihe urutonde rwa nyuma ruzashyirwa ahagaragara ku wa 25 Kanama 2026.

Kwiyamamaza no gutora Umudepite uhagararira urubyiruko mu Mutwe w'Abadepite bizaba ku wa 2 Nzeri.

Ibyavuye mu matora by'agateganyo bizatangazwa uwo munsi, mu gihe ibyavuye mu matora bya nyuma biteganyijwe gutangazwa ku wa 9 Nzeri 2026.





# EXPO-2026: Abikorera basabwe kongera imbaraga mu byoherezwa mu mahanga

MUTETERAZINA Shifah

***Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) yibukije abikorera ko bakwiye kongera imbaraga mu kongera ibicuruzwa bikorerwa imbere mu Gihugu nk'imwe mu nzira yo kuzamura ubukungu bw'Igihugu binyuze mu kugabanya ingano y'ibyo gitumiza hanze.***

Ni bimwe mu byagarutsweho ku wa Gatanu tariki 14 Kanama 2026, ubwo iyo Minisiteri yifatanyaga n'Urugaga rw'abikorera (PSF) mu birori byo guhemba abikorera bahize abandi mu imurikagurisha rya 2026, byanahujwe no kurisoza ku mugaragaro.

Umunyamabanga Uhoraho muri MINICOM, Tuyishimire Chantal yasabye abikorera kuzirikana ko bagomba kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu binyuze muri gahunda yo kongera ibikorerwa mu Rwanda ari nako bijyanishwa n'ubuziranenge.

Yagize ati: "Nk'abikorera ndabibutsa ko hari byinshi tugitumiza hanze kandi twese dufite inshingano y'uko twafatanya tukabigabanya kuko hari byinshi Isi yose ikeneye kubona byacu, ndabibutsa y'uko 'Made in Rwanda' atari ibiryo cyangwa imyenda gusa ahubwo ni buri cyose gikorewe iwacu."

Tuyishimire akomeza avuga ko nka Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda iyo babonye abikorera bakora neza byerekana ko bagifite imbaraga zo gukora ibirenzeho kandi hakiri icyizere ko u Rwanda rwahagararirwa no mu mamurikagurisha mpuzamahanga.

Ati: "Navuga ngo nk'Abanyarwanda, turishimye cyane yuko tuzakomeza kubaha amahirwe nk'aya yo kugaragaza ibyo mushoboye na twe mu byo mutugomba ni ukugira icyo mukora kandi kiri ku rwego rwiza buri wese agomba kwifuza, turifuza ko mutagarukira ahangaha ahubwo tugera mu nguni z'Isi zose.

[…] Nongera kubibutsa urugendo dufite rwa Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere NST2, turacyafite ikinyuranyo kinini kiri hagati y'ibyoherezwa mu mahanga n'ibyo dutumiza ni wo mwanya wo kubibutsa ko imurikagurisha ridufasha guhangana n'ikibazo cyo guta agaciro kw'ifaranga, kongera imirimo, mbibutsa y'uko nta gihugu kigeze gutera imbere kidatejwe imbere n'abikorera."



Aba ni bamwe mu bitabiriye Expo 2026 bahawe ishimwe



Umunyamabanga Uhoraho muri MINICOM, Tuyishimire Chantal

Umuyobozi w'Urugaga rw'Abikorera (PSF) mu Rwanda, François Twagirumukiza yashimiye abitabiriye Expo 2026, ku bwitabire ndetse no gutanga serivisi nziza ku baguzi babagannye.

Ati: "Tuboneyeho n'umwanya wo gushimira abitabiriye imurikagurisha bose ku ruhare rwabo mu migendekere myiza ya Expo 2026, ku bicuruzwa byujuje ubuziranenge bamuritse, kwakira neza abakiliya bakanabaha serivisi nziza."

Tuyisenge Bruno, Umuyobozi wa 'Jibu Rwanda' yegukanye igihembo nyamukuru cya Expo 2026, avuga ko uretse kwegukana igihembo kwitabira imurikagurisha rya 2026 babikuyemo amasomo menshi y'ingenzi.

Ati: "Kwitabira imurikagurisha rya 2026, twabyigiyemo byinshi harimo gusobanukirwa ko abaguzi baba bafite byinshi bibaza ku mazi tubaha kandi ari ngombwa ko babisobanurirwa twishimiye kubakira, twize kandi uko ubucuruzi bukorwa kuko twabonaga uko abacuruzi bagera ku baguzi."

Mwamikazi Theonestine wegukanye ibihembo by'uwabaye uwa kabiri mu bikorera bitwaye neza mu imurikagurisha rya 2026, avuga ko igihembo yahawe kimuteye imbaraga zo kwagura ibikorwa bye. Ati: "Tuza muri Expo 2026, nari nzi ko ari ukwirwanaho ndetse ko nta n'undi ubyitayeho, ariko iki gihembo kinyeretse ko ibikorwa birenga kuba ibyacu bikaba iby'Abanyagihugu bose, binteye imbaraga zo kwagura ibikorwa kuko uko dutera imbere ni ko Igihugu cyacu gitera imbere, urumva ko ari inshingano."

Uretse bamwe mu bahembwe, PSF yanashimiye abafatanyabikorwa bagize uruhare mu gutegura Expo 2026, harimo n'Ikigo cy'Icapiro ry'Igihugu (Rwanda Printery Company Ltd - RPC Ltd) n'ibindi bigo bitandukanye.

Ubuyobozi bw'Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda (PSF) bwagaragaje ko EXPO-2026 yari irimo kuba ku nshuro ya 29, hakiriwe abikorera bamuritse ibikorwa byabo bagera kuri 494, aho muri bo 373 bari Abanyarwanda mu gihe 121 baraturutse mu bihugu 14 bitandukanye.

Nubwo ibirori byo gusoza ku mugaragaro EXPO-2026 byabaye kuri uyu wa Gatanu tariki 14 Kanama 2026, imurika ryo rirakomeje aho rizasozwa kuwa Mbere tariki 17 Kamena 2026, bivuze ko ababyifuza bagifite iminsi itatu yo kwitabira no guhabwa serivise ziri kuribeeramo.

# Amatungo agurishwa ari ku miti n'adafite icyemezo cy'ubuzima bwiza yafatiwe ingamba


Nta tungo ryemerewe kubagwa ricyifitemo ibisigazwa by'imiti


Umuyobozi Mukuru w'agateganyo wa RICA, Bajeneza Jean Pierre yavuze ko bitemewe kubaga amatungo arimo ibisigazwa by'imiti


Nta bagiro ryemerewe kubaga itungo ridafite icyangombwa cy'ubuzima bwiza, riri ku miti cyangwa rikirimo ibisigazwa by'imiti

KAMALIZA Agnes

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge, Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera Umuguzi (RICA) cyatangaje ko nta bagiro ryemerewe kubaga itungo ridafite icyangombwa cy'ubuzima bwiza, riri ku miti cyangwa rikirimo ibisigazwa by'imiti; bityo n'abaturage batemerewe kugurisha ayo matungo kuko bishobora kugira ingaruka ku buzima bw'uririye.***

Byagarutsweho ku wa Kane, tariki ya 13 Kamena 2026, ubwo RICA yahaga abakora mu mabagiro ari hirya no hino mu Gihugu ibikoresho 350, bifite agaciro ka miliyoni 70 Frw, bipima ibisigazwa by'imiti mu nyama mu rwego gukemura ikibazo cy'abagurishaga amatungo ari ku miti.

RICA yagaragaje ko itungo rikwiye kubagwa ari irifite icyemezo cy'ubuzima bwiza kigaragaza igihe riheruka guterwa umuti kandi ritarwaye, bityo ko itungo ryarwaye rikavuzwa bikanga riba ridakwiye kubagwa.

Umuyobozi Mukuru w'agateganyo wa RICA, Bajeneza Jean Pierre avuga ko hari igihe cyagenwe itungo ryatewe imiti riba ritemerewe gucuruzwa, iyo umuturage aririye rishobora kumugiraho ingaruka bitewe n'ibinyabutabire biba biri mu nyama yariye. Ati: "Ingaruka zirashoboka nko ku buzima kuko iyo uriye izo nyama iyo miti iba ikwinjiyemo, ibyo binyabutabire biba byinjiye mu kinyabuzima kitari kigenewe iyo miti."

Yongeyeho ko nubwo ku mabagiro hari hasanzwe hari ba veterineri bapima ubwiza bw'inyama, ariko ibikoresho byatanzwe bizafasha kongerera imbaraga ubuziranenge izicuruzwa. Ati: "Iyo itungo ryatewe imiti hari igihe runaka riba ritemerewe gucuruzwa rero ubu ibikoresho byatanzwe, hari abantu bahuguwe bari ku mabagiro ubu ibi biratangira mu cyumweru gitaha kandi hari n'abandi bazabihabwa."

RICA igaragaza ko imiti itarashira mu itungo rigiye kubagwa bigaragarira mu mubiri waryo, mu nyama z'umubiri, mu mwijima, mu mpyiko, mu binure no mu maraso ari na zo zizajya zibandwaho mu gupima. Ibyatangajwe na RICA bishimangirwa n'ingingo ya 50 y'itegeko rishya rigenga ubworozi mu Rwanda; rigaragaza ko umuti ukoreshwa mu buvuzi bw'amatungo ugira igihe umara mu mubiri w'itungo kigomba kubahirizwa mbere yuko ibiri-iranenge itarimo ibinyabutabire bishobora kugira ingaruka. Ntabwo bikwiye kugurisha itungo riri ku miti, ntabwo byemewe kugurisha amatungo ari kuvurwa kuko itungo ryemerewe kubagwa ni itungo rizima cyangwa niba ryaranavuwe ibisigazwa byarashize mu mubiri."

Bamwe mu bakora mu mabagiro bagaragaza ko bishimiye guhabwa ibikoresho bipima ibisigazwa by'imiti mu matungo ariko hari impungenge kuko bishobora kuzahombya abaturage bumvaga ko itungo rirwaye ari iryo kugurishwa.

Ndahayo Jean Claude, uhagarariye ibagiro ry'ingurube mu Murenge wa Nyarubaka mu Karere ka Kamonyi ryitwa 'Ishema ryacu Nyarubaka', avuga ko hari aborozi bashobora kuzabihomberamo kuko nta muguzi bazongera kubona ugura itungo riri ku miti cyangwa riyivuyeho vuba kugira ngo hubahirizwe amabwiriza agenga ubuziranenge.

Yagize ati: "Nk'umuturage wari ufite iryo tungo ryarwaraga akihutira kurigurisha ngo ritakomokaho bikoreshwa.

Rigaragaza kandi ko ibikomoka ku itungo ryahawe umuti bidatangwa cyangwa ngo bikoreshwe igihe giteganyijwe kitararangira. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi, RAB kigaragaza ko bidakwiye ko abaturage bagurisha amatungo ari ku miti, kandi izo ngamba nta ngaruka zizagira ku borozi kuko zitagamije kubahombya ahubwo bizatuma abantu barya ibyujuje ubuziranenge.

Umuyobozi w'ishami rishinzwe kongerera agaciro ibikomoka ku matungo muri RAB, Niyonzima Eugene yagize ati: "Si uguhombya kuko inyama ni iyujuje ubuzmupfira ubusa, ubwo urumva hazabaho igihombo kuri wa mworozi kuko nta muntu uzarimugurira kandi rirwaye. Ibagiro risabwa kuzuza ibisabwa n'ubuziranenge ntabwo wajya kubaga itungo ririmo iyo miti."

Ndahayo asaba inzego zibishinzwe gukomeza gukora ubukangurambaga bigisha abaturage ngo bumve ko itungo rirwaye cyangwa iriri ku miti atari iryo kuribwa ndetse n'abakora mu mabagiro bagakomeza guhugurwa. Kugeza ubu mu Rwanda habarurwa amabagiro y'amatungo atandukanye 266, arimo amabagiro y'Uturere 111 n'ayabikorera 155.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Amadini n'Amatorero: Umusemburo w'Iterambere ry'Igihugu*

Abahanga bemeza ko iyobokamana ari igice cy'imibereho bigoye kwigobotora, kuko umuntu ahora ashaka imbaraga yishingikirizaho. Amadini n'amatorero ni zimwe mu mbaraga abantu bishingikirizaho bagendeye ko hari imyemerere ifitanye isano n'iyobokamana.

Ubwo bimeze bityo rero, amadini n'amatorero ntakwiye kuba ayo kuvuga ubutumwa bw'iyobokamana gusa, ahubwo akwiye kuba n'imiyoboro y'iterambere ihuza abakirisitu mu bihe by'iyobokamana no mu iterambere rya muntu muri rusange ndetse no kugira buzima buzira umuze nkuko bikunze kuvugwa ko "Roho nzima itura mu mubiri muzima".

U Rwanda ni igihugu giha buri muntu ubwisanzure bwo guhitamo idini / itorero ashaka. Amadini / Amatorero anyuranye ashimirwa uruhare agira mu kubaka u Rwanda rufite icyerekezo cy'iterambere rirambye, binyuze mu bikorwa by'uburezi, ubuvuzi, ubukungu n'ibindi.

Amadini n'amatorero ni umuyoboro utuma abakirisitu baharanira ibikwiye, bagatera umugongo ibitaboneye; harimo kutanywa ibiyobyabwenge birimo n'inzoga zitujuje ubuziranenge, kwirinda urugomo n'imyitwarire mibi, ahubwo bagaharanira iterambere.

Byongeye kandi, Amadini / Amatorero yabaye umusingi wo kubaka iterambere ritagira n'umwe riheza. Yagize uruhare ntagereranywa mu kubaka Abanyarwanda no komora ibikomere, bikajyana n'ibikorwa bihindura imibereho y'abayoboke n'abaturage muri rusange. Uretse isanamitima, yagize uruhare mu gufasha imfubyi n'abapfakazi, kubaka ubumwe n'ubudaheranwa, no kubanisha neza Umuryango nyarwanda.

Nubwo ibyo bishimangira urugero rw'ibyiza Amadini / Amatorero yagejeje ku Banyarwanda, hari aho yagiye aba intwaro yo kunyunyuza imitsi y'abanyantege nke, kubizeza ibitangaza no kubahoza mu bukene butuma bahora ari abacakara b'amasezerano atazigera asohora. Abitwikira umutaka w'Idini / Itorero bagakora ibibi bitandukanye ni abo kugawa kandi bagomba kabihagarika.

Nkuko rero Amadini / Amatorero afite abayoboke benshi mu Rwanda, umusanzu wayo ntukwiye kugarukira ku ivugabutumwa ry'iyobokamana gusa, akwiye no gukomeza kuba ishingiro ryo kubaka abayoboke bafite icyerekezo cyo guharanira iterambere ryabo n'iry'Igihugu, basigasira indangagaciro na kirazira bibungabunga Umuryango nyarwanda.

**Ubwanditsi**

# U Rwanda rugiye Kwita amazina abana b'ingagi 22


Abana b'ingagi 22 ni bo bazitwa amazina ku ya 4 Nzeri 2026

KAMALIZA Agnes

***U Rwanda ruritegura Kwita amazina abana b'Ingagi 22 mu muhango uzaba ubaye ku nshuro ya 21, aho biteganyijwe ko uzabera mu Kinigi mu Karere ka Musanze tariki ya 4 Nzeri 2026. Mu kiganiro n'Itangazamakuru ku wa Kabiri, tariki ya 11 Kanama 2026, cyo gutegura ibyo birori Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) rwagaragaje ko kororoka kw'ingangi bitungukira ikigo kimwe gusa ahubwo ari inyungu ku Gihugu, abagituye n'Isi muri rusange.***

Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kubungabunga Urusobe rw'Ibinyabuzima (Rwanda Nature Foundation), Mutangana Eugène, yavuze ko kimwe mu bikorwa u Rwanda rwishimira ari ukubungabunga ibidukikije n'ubwiyongere bw'ingagi zo mu misozi miremire.

Mutangana avuga ko Kwita Izina abana b'ingagi bikomeje kumenyekanisha u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga no mu bukerarugendo, kuko buri mwaka hatoranywa abantu bihariye bita amazina kandi bagira uruhare mu kugaragaza no kuzamura izina ry'u Rwanda. Yagize ati: "Ubushishozi buba mu gutoranya abantu bazita amazina, ni uwo tuba twarabonye ko ashobora guha u Rwanda indi sura mu bindi Bihugu."

Yongeyeho ko kubyara kw'ingagi ari umusaruro w'imirimo ya buri munsi ikorwa mu kurinda aho ziba, gukurikirana ubuzima bwazo no gutuma zibona iby'ingenzi byose bikenewe kugira ngo zikomeze kubaho no kororoka.

Kuva mu 2005, Kwita Izina abana b'ingagi byatangizwa, bimaze kuba urubuga mpuzamahanga ruhurizwamo abayobozi, abashakashatsi, abashoramari, abakinnyi, abahanzi n'abandi bafite uruhare mu bikorwa byo kubungabunga ibidukikije.

Abo bana b'ingagi 22 bagiye kwitwa amazina, bagiye kwiyongera ku bandi 438 bamaze guhabwa amazina, kuva mu 2005 hatangijwe icyo gikorwa cyitabirwa n'ibyamamare mu nzego zitandukanye zirimo politiki imyidagaduro n'izindi.

Akarere ka Musanze by'umwihariko nk'akazakira ibi birori byo Kwita Izina, kazungukira muri uyu muhango kuko biteganyijwe ko uwo munsi uzasiga abagera ku bihumbi 10 bakagezemo, kandi bazahabwa serivisi zitandukanye kuko ako karere kabarurwamo hoteli zirenga 52 zifite inyenyeri.

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice avuga ko Kwita Izina atari ibirori gusa kuko byatumye n'iterambere ry'i Musanze rizamuka kandi buri wese akunguka bitewe n'ibyo akora.

Yagize ati: "Umuhango wo Kwita Izina ntabwo ufatwa gusa nk'ibirori kuko buri mwaka ukurura abantu benshi mu Karere ka Musanze no mu Ntara y'Amajyaruguru kandi abashyitsi bagira uruhare mu kwinjiza amafaranga mu mahoteli, resitora, ubwikorezi, kompanyi z'ubukerarugendo, abahinzi, abanyabukorikori n'abandi bacuruzi bakorera muri ako gace."

Mugabowagahunde ashimangira ko Kwita Izina bifasha kumenyekanisha ubukerarugendo bw'u Rwanda ku rwego mpuzamahanga no gushishikariza abarusura kumara igihe kinini basura n'ahandi hantu nyaburanga.

**Ingagi zagize uruhare muri miliyoni 685 z'amadolari u Rwanda rwinjije muri 2025**

RDB ishimangira ko ingagi zagize uruhare rukomeye mu kayabo ka miliyoni 685 z'amadolari y'Amerika u Rwanda rwinjirije mu bukerarugendo mu 2025, avuye kuri miliyoni 647 mu 2024, mu gihe ako kayabo kavuye mu bashyitsi bagera kuri miliyoni 1.49 basuye u Rwanda mu 2025, bikaba bigaragaza uruhare rw'ubukerarugendo mu bukungu bw'Igihugu.

Mu 2025, Pariki z'Igihugu zakiriye abasura 155 394, zinjiza hafi miliyoni 40,8 z'amadolari, ariko Pariki y'Ibirunga ni yo yakomeje kuba isoko ikomeye y'amafaranga ava muri pariki, aho yinjije hafi miliyoni 35,8 z'amadolari.

Ubukerarugendo bw'imbere mu gihugu na bwo bwakomeje kwiyongera aho umubare w'Abanyarwanda basuye Pariki wazamutseho 8,1%, ugera ku basura barenga 59 000. Kugeza ubu ku Isi habarurwa ingagi zo mu misozi miremire zigera ku 1 100 kandi zikomeje kubungabungwa mu bihugu kuko zibyinjiriza amadovize.

# Abasirikare bashinzwe imyitwarire muri RDF basoje amahugurwa y'ibyumweru 7



Abasirikare bashinzwe imyitwarire basoje amahugurwa

SHEMA Ivan

***Abofisiye 146 n'abandi basirikare bato bo mu Ishami Rishinzwe imyitwarire no kurinda abayobozi (Military Police) mu Ngabo z'u Rwanda (RDF) basoje amahugurwa bari bamazemo ibyumweru birindwi. Ibirori byo gusoza ayo mahugurwa byabaye ku wa 11 Kanama 2026, biyoborwa n'Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen Mubarakh Muganga.***

Byitabiriwe n'abarimo Ambasaderi wa Qatar mu Rwanda, Mansoor Ali Al-Hajri, abayobozi bakuru muri RDF n'abandi bo mu Ngabo za Qatar. Amahugurwa yibanze ku mirimo y'ingenzi ya Military Police, harimo kurinda abayobozi bakuru, kurwanya iterabwoba, ubumenyi bwo kurwanira mu bice bitandukanye, ndetse no guhosha imyigaragambyo n'imvururu.

Mu butumwa yatanze mu izina ry'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda, Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen. Mubarakh Muganga yashimiye abarangije amahugurwa ku bwitange n'ikinyabupfura bagaragaje mu gushaka ubumenyi n'ubushobozi bukenewe kugira ngo bashobore kuzuza neza inshingano zabo. Yagize ati: "Aya mahugurwa yagize uruhare mu kongera ubunyamwuga n'ubushobozi ku basirikare ba Military Police n'ingabo z'u Rwanda muri rusange".

Gen Muganga kandi yasabye abarangije amahugurwa gukoresha ubumenyi n'ubushobozi bungutse, ndetse bakabusangiza bagenzi babo. Gen. Muganga kandi yashimiye abarimu baturutse mu Ngabo za Qatar kubera ubunyamwuga n'ubushobozi bagaragaje mu gutanga aya mahugurwa.

Yashimangiye akamaro ko gukomeza ubufatanye hagati y'ingabo z'ibihugu byombi, avuga ko iki gikorwa ari indi ntambwe igaragaza ko ubufatanye hagati y'Ingabo za Qatar n'Ingabo z'u Rwanda bukomeje gutera imbere.

Yongeye gushimangira ko u Rwanda rwiyemeje gukomeza guteza imbere ubu bufatanye binyuze mu mahugurwa ya gisirikare, kungurana ubumenyi n'ubunararibonye mu by'umwuga wa gisirikare n'ibindi bifitiye inyungu impande zombi.

Uhagarariye Ingabo za Qatar yashimiye ubuyobozi bw'Ingabo z'u Rwanda ku nkunga n'ubufasha bwatanzwe mu gihe cyose cy'amahugurwa n'ubufatanye bukomeye n'imikoranire myiza hagati y'Ingabo z'u Rwanda n'Ingabo za Qatar, avuga ko byagize uruhare rukomeye mu gutuma aya mahugurwa agenda neza.

# U Rwanda na RDC baganiriye ku gushyira mu bikorwa Amasezerano ya Washington basinyanye

ZIGAMA Theoneste

***URwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bemeranyije guteza imbere ingamba ebyiri zigamije gukomeza gukurikirana no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano ya Washington byasinyanye, bigakorerwa aho ikibazo kiri.***

Iyi myanzuro yafashwe mu nama ya gatandatu y'Urwego Ruhuriweho rushinzwe Guhuza Ibikorwa by'Umutekano (JSCM), yabaye ku wa 12-13 Kanama 2026 i Geneve mu Busuwisi aho ibyo biganiro byimuriwe.

JSCM ni imwe mu nzego zashyizweho mu rwego rwo gushyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'inzira y'amahoro hagati y'u Rwanda na RDC, ishingiye ku Masezerano ya Washington yashyizweho umukono n'Abakuru b'ibihugu, Paul Kagame w'u Rwanda na Félix Tshisekedi wa RDC, i Washington ku wa 4 Ukuboza 2025.

Aya masezerano yashyizeho uburyo bwo gukemura ibibazo by'umutekano hagati y'ibihugu byombi, cyane cyane ikibazo cy'umutwe wa FDLR, ugizwe ahanini n'abari mu ngabo n'imitwe yagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994.

Uyu mutwe wafatiwe ibihano n'Umuryango w'Abibumbye na Leta Zunze Ubumwe za Amerika, kandi umaze imyaka myinshi ukorera mu Burasirazuba bwa RDC, ukaba kandi waragiye ugira uruhare mu bitero byibasira u Rwanda ndetse n'ihohoterwa rikorerwa Abanyamulenge n'abandi baturage bo mu bwoko bw'Abatutsi bo muri RDC.

Mu rwego rw'amasezerano y'amahoro, Guverinoma ya RDC itegerejweho gusenya FDLR, mu gihe nyuma y'ibyo, u Rwanda rugomba gukuraho ingamba z'ubwirinzi rwashyizeho kubera icyo kibazo.

Nubwo izi ngamba ebyiri zemeranyijweho zitasobanuwe mu buryo burambuye, itangazo ryahuriweho ryasohotse nyuma y'inama ryavuze ko impande zombi zasabye Leta Zunze Ubumwe za Amerika gusuzuma niba ibyo ziyemeje byubahirizwa.

Riti: "RDC n'u Rwanda bemeranyije guteza imbere ingamba ebyiri zigamije gukomeza gukurikirana no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano ya Washington, bigakorerwa ahari ikibazo. Impande zombi zasabye Leta Zunze Ubumwe za Amerika gusuzuma izi ngamba zombi no gutanga ibitekerezo byazo mu nama itaha ya JSCM."

Ibihugu byombi kandi byemeranyije kuzagira inama y'impande eshatu, u Rwanda, RDC na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USA) yo gutegura ibikorwa byo kubahiriza ayo masezerano ikaba izaba mu Ukwakira 2026, ikazasozwa ishyizeho gahunda nshya y'ibikorwa (Operations Order) izayobora ibikorwa bihuriweho n'impande zombi.

Inama yabereye i Geneva mu Busuwisi yahuje abahagarariye u Rwanda na RDC, hamwe n'abahagarariye Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Qatar, Togo nk'igihugu gihagarariye Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe mu biganiro by'amahoro, ndetse na Komisiyo y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe.

Impande zombi zemeye ko inama ya karindwi ya JSCM izabera i Geneva ku wa 16-17 Nzeri 2026.




Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame na Perezida wa RDC, Felix Antoine Tshikesedi basinye amasezerano i Washington





# RDF yaganiriye na ba 'Defence Attachés' ku mutekano w'Akarere n'ibikorwa by'amahoro

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Ingabo hamwe n'ubuyobozi bw'Ingabo z'u Rwanda (RDF) bagejeje ku bahagarariye inyungu za gisirikare z'ibihugu byabo mu Rwanda (Defence attachés) amakuru ajyanye n'impinduka mu bijyanye n'umutekano ku rwego rw'Akarere na mpuzamahanga, ndetse n'ibikorwa byo kugarura amahoro RDF ikomeje hirya no hino ku Isi. Ibi biganiro byabaye ku wa Kabiri, tariki ya 11 Kanama, muri gahunda isanzwe ihuza RDF n'abahagarariye inzego za gisirikare mu rwego rwa dipolomasi mu Rwanda.***

Muri ibyo biganiro, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubutwererane Mpuzamahanga mu bya Gisirikare akaba n'Umuvugizi w'Ingabo z'u Rwanda, Brig. Gen. Patrick Karuretwa, yavuze ko ibi biganiro bigamije guteza imbere imyumvire ihuriweho hagati y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga ku bibazo by'umutekano.

Brig. Gen. Karuretwa yagize ati: "Uretse gutanga ishusho rusange y'uko umutekano uhagaze, ibi biganiro biduha umwanya wo gusobanura neza uko u Rwanda rubona ibibazo bihuriweho. Bituma inzego zacu z'ingabo n'ibihugu muhagarariye birushaho gusobanukirwa no kumvikana."

Iki kiganiro cyahuje abahagarariye ingabo n'abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda birimo Angola, Brazil, u Bushinwa, Denmark, Misiri, u Budage, u Buhinde, u Buyapani, Jordan, Luxembourg, u Buholandi, Senegal, Tanzania, Türkiye, Uganda, u Bwongereza na Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ndetse n'abahagarariye Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU).

Ni ikiganiro cyahaye aba bahagarariye ingabo umwanya wo kugirana ibiganiro bitaziguye n'abayobozi ba Minisiteri y'Ingabo n'ab'Ingabo z'u Rwanda (RDF), ku byihutirwa mu bikorwa bya gisirikare by'u Rwanda ndetse n'uko rubona mu buryo bw'ingenzi icyerekezo cy'umutekano urambye mu karere ruherereyemo. Ibiganiro kandi byibanze ku bikorwa by'amahoro Ingabo z'u Rwanda zikomeje gukorera mu bihugu by'amahanga.

Minisiteri y'Ingabo yavuze ko ibi biganiro biri mu bikorwa bigamije gukomeza itumanaho rifunguye kandi rihoraho hagati y'inzego z'ingabo n'abahagarariye ingabo z'ibihugu by'amahanga mu Rwanda, bikaba binatanga umwanya wo kungurana amakuru n'ibitekerezo ku mpinduka zigira ingaruka ku mutekano w'Igihugu, uw'Akarere ndetse n'uw'Isi.

Iyo Minisiteri kandi yashimangiye ko abahagarariye ingabo z'ibihugu by'amahanga bafite inshingano zo gukorera mu Rwanda ari abafatanyabikorwa b'ingenzi mu gushimangira umubano hagati y'inzego z'ingabo, kongera icyizere hagati y'impande zombi no guteza imbere ubufatanye bufatika mu bya gisirikare hagati y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa barwo mpuzamahanga.



RDF yagaragaje uko umutekano uhagaze mu Karere u Rwanda ruherereyemo

# Burundi: Imyaka 22 irashize Abanyamulenge biciwe mu Gatumba, Ubutabera buracyategerejwe

IMVAHO NSHYA

***Ku itariki ya 13 Kanama 2004, Abanyamulenge bari barahungiye mu nkambi ya Gatumba mu Burundi bahuye n'ubwicanyi bwabakorewe bwahitanye abantu 166, abandi 106 barakomereka ku buryo bukabije. Nyuma y'imyaka 22, Abanyamulenge bari bahunze abafulero, Mai Mai na FDLR biciwe mu gihugu cyari cyabakiriye, na n'ubu ntibarabona ubutabera.***

Raporo y'imiryango itandukanye yemeza ko nibura Abanyamulenge 166 biciwe muri icyo gitero. Abagabye igitero bari bagize ahanini umutwe wa FNL wari uyobowe n'Abahutu b'intagondwa bo mu Burundi bafatanyije na Mai Mai ndetse na FDLR igizwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Abagabye igitero bararashe ndetse batwika bamwe mu bari mu nkambi. Mu nkambi zari mu Gatumba hatarimo Abanyamulenge gusa ariko ni bo bonyine bishwe. Uburyo Abanyamulenge biciwe mu Gatumba byibutsa uburyo Abanye - Congo b'Abatutsi biciwe i Mudende mu Karere ka Rubavu bishwe na FDLR/ALiR hagati mu bitero bibiri bagabye kuri iyo nkambi hagati ya 1997-1998

Nyuma gato y'ubwo bwicanyi, FNL yemeye uruhare mu gitero. Mu 2013, u Burundi bwatangaje ko bwafunguye urubanza rujyanye n'ibyaha by'intambara n'ibyaha byibasiye inyokomuntu byakorewe i Gatumba. Ariko urubanza rwahagaze mu 2014, kandi kuva icyo gihe nta ntambwe ifatika yabaye mu gutanga ubutabera.

Ibi bituma isabuukuru y'imyaka 22 y'ubwicanyi bw'i Gatumba idakwiye kuba umwanya wo kwibuka gusa abishwe, ahubwo ikwiye no kuba umwanya wo kwibaza impamvu ababikoze batagejejwe imbere y'ubutabera n'uruhare rwa Leta y'u Burundi mu kudindiza ubutabera.

Usibye kuba badahabwa ubutabera, abarokotse n'imiryango yabo ntabwo bemererwa igikorwa cyo kwibuka ababo, dore ko mu myaka yashize bagiye bahabwa impamvu zitandukanye ndetse bimwa uruhushya rwo kuvugurura aho bashyinguye.

Ubwicanyi bw'i Gatumba bwabaye mu gihe Abanyamulenge bari barahunze imvururu n'intambara muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo. Icyo gihe bari barashatse umutekano mu nkambi y'impunzi mu Burundi, ariko aho bari bahungiye ni ho ubwicanyi bwabasanze. Uyu munsi, nyuma y'imyaka 22, ikibazo cy'umutekano w'Abanyamulenge kiracyari impungenge mu bice bitandukanye bya Kivu y'Amajyepfo, cyane cyane mu misozi miremire ya Fizi, Uvira na Minembwe.

Mu ntangiriro za 2020, amakuru yagiye agaragaza ko imirwano n'ibitero by'intwaro byakomeje kugabwa ku Banyamulenge bikozwe na Mai Mai, Abafurero bari mu cyitwa ubu Wazalendo bashyingikiwe n'ingabo za Leta FARDC mu gihe Abanyamulenge na bo bashinze umutwe wa Twirwaneho.



Abanyamulenge bari barahungiye mu nkambi ya Gatumba mu Burundi bahuye n'ubwicanyi bwabakorewe bwahitanye abantu 166, abandi 106 barakomereka

# Imisambi y'u Rwanda yageze ku 1 438 kubera kubungabunga ibidukikije



Umubare w'imisambi mu Rwanda ukomeje kwiyongera

ZIGAMA Theoneste

***Ibarura rya 10 ryo gukurikirana imisambi n'uburyo ibungabungwa ryagaragaje ko mu Rwanda habarurwa imisambi 1 438, ivuye kuri 300 yari isigaye mu gasozi mu 2015, ubwiyongere bwaturutse ku kwimakaza gahunda zo kubungabunga ibidukikije.***

Iri barura ryashyizwe ahagaragara ku wa Gatanu tariki ya 14 Kanama 2026, ubusanzwe rikorwa n'Umuryango nyarwanda udaharanira inyungu ushinzwe kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima n'indiri yarwo kamere (RWCA), aho ryagaragaje ko umubare w'izi nyoni ziri mu byiciro by'ibinyabuzima biri mu kaga kuko bibangamirwa n'ibikorwa bya muntu, ukomeje kwiyongera, nyuma y'imyaka icumi ibikorwa byo kuzirinda bishyizwemo imbaraga.

RWCA yatangiye gahunda yo kubungabunga imisambi mu 2015, icyo gihe hakaba harabarurwaga ko mu Rwanda hasigaye imisambi itarenga 300 iri mu mashyamba. Ibarura rya mbere ryakozwe ku rwego rw'igihugu mu 2017 ryagaragaje imisambi 487, riba ari na ryo ryashyizeho imibare ya mbere yizewe mu buryo bwa gihanga ku mubare w'izi nyoni mu Rwanda.

Kuva icyo gihe, ibarura ryagiye rikorwa buri mwaka, bituma haboneka amakuru akurikirana agaragaza uko umubare w'imisambi wagiye uhinduka, aho yororerwa n'aho igaburirirwa, uko igenda hagati y'ibishanga ndetse n'ahagaragara ibibazo bishobora kubangamira ubuzima bwayo.

Kuzamuka k'umubare w'izi nyoni kwagezweho binyuze mu bikorwa bitandukanye birimo kurwanya kuyihiga no kuyitunga mu buryo butemewe, gusubiza mu gasozi imisambi yari yarafashwe ikajyanwa mu ngo, kurinda no gusana ibishanga, kongera ubushobozi bwo kuyikurikirana no gukaza iyubahirizwa ry'amategeko ayirengera.

RWCA kandi ivuga ko abaturage bagize uruhare rukomeye muri ibi bikorwa, cyane cyane binyuze mu gutanga amakuru no kurinda imisambi aho batuye. Umuyobozi Wungirije wa RWCA, Dr. Ruhagazi Deo yavuze ko iyi ntambwe ari umusaruro w'abaturage n'abandi bose bagize uruhare mu kubungabunga imisambi.

Yagize ati: "Iyi ntambwe ni abaturage bayigizemo uruhare. Imyaka icumi yo gukurikirana izi nyoni iduhaye ibirenze kumenya umubare wazo. Yatweretse aho zororokera, aho zihura n'ibibazo n'aho ibikorwa byacu bigomba kwibanda mu gihe kiri imbere."

Uwo muryango uhamya ko ayo makuru aboneka kubera ko Abakorerabushake bawo mu kubungabunga ibidukikije n'abayirinda, bayakusanya mu bishanga bitandukanye, umunsi ku munsi, ndetse n'uko abaturage bahisemo kurinda imisambi aho kuyihiga. Dr. Ruhagazi ati: "Umubare w'imisambi mu Rwanda wagarutse kubera ko Abanyarwanda ari bo bawugaruye."

Uwo Muryango uvuga ko kuva ku misambi itarenga 300 mu 2015 kugeza kuri 1 438 ubu, iri zamuka rigaragaza uruhare rwo kungabunga ibidukikije burambye, kurinda no gusana ibishanga ndetse no kugira abaturage abafatanyabikorwa b'ingenzi mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.

Igihe RWCA yatangizaga gahunda yo kubungabunga imisambi mu 2015, ifatwa ryayo mu buryo bunyuranyije n'amategeko hagamijwe kuyicuruza nk'amatungo yo mu rugo, kuyibika mu busitani bw'abantu ku giti cyabo no muri hoteli, ndetse no kwangirika gukabije kw'ibishanga, byari byaratumye iyi nyoni yenda gucika mu Rwanda.

RWCA, ku bufatanye bwa hafi na Guverinoma y'u Rwanda, yatangije gahunda yo mu gihugu hose igamije guca burundu ubwikorezi n'ubworozi bw'imisambi mu buryo butemewe n'amategeko. Hatangijwe igikorwa cyo kubarura imisambi yose yari izwi ko ifungiye mu ngo cyangwa ahandi, kuyirokora aho yari ibitswe mu buryo butemewe, kuyivura no kuyisubiza mu ishyamba, aho byinshi muri byo byongeye gusubizwa mu buzima bwo mu gasozi.

Uwo muryango wavuze ko kurinda imisambi imwe byari igice kimwe gusa cy'umuti w'ikibazo, cyongeraho isomo rikomeye ryavuye mu myaka icumi yikurikiranya yo kuyikurikirana, ari uko ibishanga bifite ubuzima ari ishingiro ry'izamuka ry'umubare w'imisambi.

Uwo muryango uvuga ko imisambi ikenera ibishanga kugira ngo yororoke kandi ibone ibyo kurya, kandi ikagenda yimuka hagati y'ibishanga bitandukanye n'ahabikikije mu bihe bitandukanye by'umwaka. Iyo ibishanga byangiritse cyangwa bikabangamirwa, imisambi yimukira ahandi ishaka ahantu hatekanye yabasha kororokera no kubona ibyo kurya.

Uko amakuru yavuye mu igenzura yakomezaga kwiyongera, byagaragaye ko kuzahura umubare w'imisambi mu Rwanda bisaba kubungabunga urusobe rw'ahantu hatekanye kandi hafite ubuzima, mu bice bitandukanye by'igihugu.

Ibi byatumye hashyirwaho uburyo bwuzuye bwo kubungabunga ibidukikije buyobowe n'abaturage, bukomatanya gusana no kurinda ibishanga, gukurikirana imisambi hifashishijwe ubumenyi bwa siyansi, kugabanya ibikorwa biyibangamira, gutanga uburezi ku kubungabunga ibidukikije no guteza imbere imibereho y'abaturage, byose bikorwa ku bufatanye bukomeye n'abaturage ndetse na Leta.

Mu bikorwa bya RWCA harimo gahunda y'abaturage batoranyijwe nk'Abahagarariye ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije mu baturage (Community Conservation Champions) ndetse n'Abarinzi

KOMEZA KU RUP.11





# Amanota y'abanyeshuri bo mu y'abanza n'Icyiciro rusange azatangazwa ku wa 20 Kanama 2026

NYIRANEZA Judith

***Abanyeshuri bakoze ikizamini cya Leta mu mashuri abanza n'Icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye umwaka wa 2025/2026 azatangazwa ku wa 20 Kanama 2026 saa cyenda z'amanywa.***



Amanota y'abakoze ibizamini bisoza amashuri abanza n'Icyiciro cya mbere cy'ayisumbuye agiye gutangazwa

Minisiteri y'Uburezi yabitangaje kuri uyu wa Gatanu tariki ya 14 Kanama 2026, kandi inibutsa Abaturarwanda bose ko umwaka w'amashuri wa 2026/2027 uzatangira ku wa 7 Nzeri 2025.

Ibizamini bya Leta bisoza amashuri abanza byakozwe tariki 7-9 Nyakanga 2026, ku rwego rw'Igihugu byatangirijwe mu Mujyi wa Kigali ku Ishuri ribanza rya Remera Catholique, bitangijwe na Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph, ahakoreye abanyeshuri 553.

Ibyo bizamini byakozwe n'abanyeshuri 277 452 bagizwe n'abakobwa 154 351 n'abahungu 123 101, barimo abarenga 900 bafite ubumuga bakoze ibizamini biteguye ukwabyo mu buryo buhuje n'imiterere y'ubumuga bafite. Bakoreye kuri site 1 182.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA), cyatangaje ku mu mwaka w'amashuri wa 2025/2026, mu Cyiciro rusange, abanyeshuri 149 533, barimo abakobwa 85 587 n'abahungu 63 946 bigaga mu mashuri ya Leta n'ayigenga ari bo byari biteganyijwe ko bakora ibizamini.

# Imisambi y'u Rwanda yageze ku 1 438 kubera kubungabunga ibidukikije

IBIKURIKIRA URUP.10

b'ibidukikije bo mu baturage (Community Rangers). Bakurikirana ahororerwa imisambi, bagatanga amakuru ku bikorwa bibangamira ibidukikije, bakarwanya ibikorwa bitemewe birimo kuyihiga, ndetse bagakorana n'abaturage mu kurinda ibishanga by'ingenzi.

Imibare yashyizwe ahagaragara yerekana ko mu mwaka wa 2017 mu Rwanda habaruwe imisambi 487, mu 2018 iba 459, mu 2019 irazamuka iba 748, 2020 habaruwe igera kuri 881, 2021 yari 997, 2022 iba 1 066, 2023 yari 1 216, 2024 iba 1 293, mu gihe mu 2025 yari igeze 1 245.

**Igishanga cya Rugezi: Urugero rwiza rwo kubungabunga ibidukikije**

Nta handi kuzahuka kw'imisambi mu Rwanda kugaragara cyane nko mu Gishanga cya Rugezi. Mu 2017, mu Gishanga cya Rugezi habaruwe imisambi 71 gusa. Mu 2026, umubare wayo wari ugeze kuri 378, ukomeza kwiyongera buri mwaka. Ubu Rugezi yonyine ibamo imisambi irenga 1/4 cy'imisambi yose iboneka mu Rwanda.

Uku kuzamuka k'umubare w'imisambi kwajyanye n'imyaka myinshi yashyizwe mu gusana no kurinda iki gishanga, ndetse no gukorana n'abaturage bagikikije. Kugeza ubu, itsinda rya RWCA rigizwe n'abarinzi b'ibidukikije bo mu baturage 75 rikora amarondo muri iki gishanga buri munsi. Bakurikirana imisambi n'aho yororokera, batanga amakuru ku bikorwa bitemewe, bagashyigikira ibikorwa byo gusana ibishanga kandi bagakorana n'abaturage mu kugabanya ibikorwa bishobora kwangiza iki gishanga.

Mu gishanga cya Rugezi nyuma yo kukibungabunga imisambi yakibagamo yariyongereye aho mu 2017 yari 71, mu 2018 iba 94, 2019 yari 134, 2020 yari igeze kuri 166, mu 2021 yageze ku misambi 203,mu 2022 yari 221, 2023 yari 273, mu 2024 igera kuri 289, 2025 yageze kuri 351 mu gihe kuri ubu ari 378.

**Kubungabunga imisambi ntibigira imipaka**

Mu myaka icumi ishize, ibikorwa byo gukurikirana imisambi byanatumye haboneka ubumenyi bwinshi ku bijyanye n'uko iyi nyoni yimuka. Habayeho gukoresha ibyuma bya GPS bifatishwa ku misambi byagaragaje ko iyi nyoni isanzwe yambuka imipaka y'u Rwanda ikajya muri Uganda na Tanzania. Ibi byagaragaje ko kurinda imisambi yo mu Rwanda bisaba ubufatanye n'ibihugu bihana imbibi n'u Rwanda.

Mu 2022, RWCA yatangije gahunda yo kubungabunga imisambi ihuriweho n'ibihugu bitandukanye binyuze mu bigo bishinzwe kubungabunga ibidukikije, birimo 'Nature Uganda', 'Nature Tanzania' ndetse na 'International Crane Foundation'. Mu 2025, 'Association Burundaise pour la Protection de la Nature' (ABN) na yo yinjiye muri iyi gahunda.

Uyu munsi, imiryango ikorera muri ibi bihugu bine ikora ibarura ry'imisambi rihuza ibihugu, bigafasha kubona ishusho rusange y'umubare w'imisambi n'uko yimuka muri aka karere, ndetse bikanafasha kunoza igenamigambi ryo kuyibungabunga.

Nubwo umubare w'imisambi ukomeje kwiyongera mu buryo bushimishije, iyi nyoni iracyashyizwe mu cyiciro cy'inyamaswa ziri mu kaga ko kuzimira, ku rutonde rw'Umuryango Mpuzamahanga uharanira kubungabunga ibidukikije n'urusobe rw'ibinyabuzima (IUCN) rugaragaza ibinyabuzima biri mu kaga.

RWCA ivuga ko kwangirika kw'ibishanga, kwaguka kw'ubuhinzi, kubangamira aho yororerwa, kuyifata no kuyorora mu buryo bunyuranyije n'amategeko ndetse n'amakimbirane agenda yiyongera hagati y'abantu n'inyamaswa bikomeje gushyira mu kaga imisambi n'ahantu iba.

ZIGAMA Theoneste

# U Rwanda rwazamuye amanota mu gukorera mu mucyo ku ngengo y'imari

***Ubushakashatsi bwashyizwe ahagaragara n'Umuryango Mpuzamahanga Urwanya Ruswa n'Akarengane Ishami ry'u Rwanda (Transparency International Rwanda), bwerekanye ko amanota y'u Rwanda mu bijyanye no gukorera mu mucyo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari yazamutse ava kuri 50% agera kuri 55% hagati ya 2023 na 2025.***

Ubushakashatsi bwamuritswe ku Gatanu tariki ya 15 Kanama 2026, bwiswe 'Open Budget Survey', bwakozwe n'Ikigo Mpuzamahanga cyitwa 'International Budget Partnership', ku bihugu 82 hibandwa ku bintu bitatu birimo kubona amakuru ku ngengo y'imari, uruhare rw'abaturage mu igenamigambi ry'ingengo y'imari ndetse n'ubugenzuzi bukorwa n'Inteko Ishinga Amategeko n'inzego zishinzwe igenzura ry'imari.

Ubwo bushakatsi bukozwe ku nshuro ya 10, bukaba buba buri myaka 2, ubw'uyu mwaka bwerekanye ko u Rwanda rwaje ku mwanya wa gatandatu muri Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara n'amanota 55%, rukurikiye Afurika y'Epfo, Benin, Zimbabwe, Sierra Leone na Kenya.

Nubwo amanota y'u Rwanda yazamutse, 55% aracyari munsi y'amanota 61% afatwa nk'urugero rukwiye kugira ngo abaturage bahabwe amakuru ahagije kandi yumvikana ku bijyanye n'imari ya Leta, ku buryo bashobora kugira uruhare mu biganiro no gufata imyanzuro ishingiye ku makuru ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari.

Amanota ku ruhare rw'abaturage yazamutse ava kuri 16% muri 2023 agera kuri 26% muri 2025, akaba ari yo ntambwe nini u Rwanda rwigeze gutera mu cyiciro kimwe muri iki gipimo. Icyakora, raporo ivuga ko uruhare rw'abaturage rukiri mu cyiciro cyo hasi kuko hakenewe ko rugera kuri 61%.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko iri zamuka ryaturutse ahanini ku buryo bwo kugira uruhare kw'abaturage ku ngengo y'imari bwashyizweho na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ndetse n'Uturere. Icyakora, Inteko Ishinga Amategeko n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta (OAG) byombi byahawe amanota zero ku bijyanye n'uburyo abaturage bagira



Imikoreshereze y'ingengo y'imari yazamutse ava kuri 50% agera kuri 55% hagati ya 2023 na 2025

uruhare mu igenamigambi ry'ingengo y'imari.

Raporo yagaragaje ko nta buryo bwashyizweho ku buryo bugaragara bwo guha abaturage uruhare mu byiciro bitandukanye by'igenamigambi ry'ingengo y'imari mu Nteko Ishinga Amategeko.

Ku ruhande rwa OAG na ho, nta buryo bwemerera abaturage kugira uruhare mu gutegura gahunda y'igenzura ry'imari.

Umuyobozi Nshingwabikorwa wa 'Transparency International Rwanda', Mupiganyi Apollinaire yavuze ko ibyavuye muri ubu bushakashatsi bigaragaza ko hakenewe imbaraga nyinshi mu guha abaturage uruhare mu byemezo bifatwa ku mutungo rusange. Yagize ati: "Mbere y'uko ingengo y'imari yemezwa, abaturage bagomba kugira uruhare."

Yavuze ko abaturage bakwiye kubona amahirwe yo gutanga ibitekerezo ku byo babona bikwiye gushyirwamo amafaranga menshi. Yavuze ko hakomeza kongera uruhare rw'abaturage, imiryango itari iya Leta n'itangazamakuru, atari mu gutegura ingengo y'imari gusa, ahubwo no mu gukurikirana uko amafaranga ya Leta akoreshwa.

Ubugenzuzi bw'imari bwazamutse

Ibyavuye mu bushakashatsi ku bugenzuzi bw'ingengo y'imari bigaragaza ishusho ivanzemo impinduka nziza n'izikeneye kunozwa. Amanota rusange y'u Rwanda mu bugenzuzi bw'ingengo y'imari yazamutse ava kuri 56% agera kuri 61%. Icyakora, hari itandukaniro rikomeye hagati y'inzego zombi.

Amanota y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta yazamutse ava kuri 78% agera kuri 89%, mu gihe amanota y'ubugenzuzi bw'Inteko Ishinga Amategeko yazamutse ku rugero ruto, ava kuri 44% agera kuri 47%.

Raporo igaragaza ko amanota y'ubugenzuzi bw'Inteko Ishinga Amategeko yagabanyutse ava kuri 64% muri 2017 agera kuri 47% muri 2025, mu gihe ubugenzuzi bukorwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta bwazamutse buva kuri 50% bugera kuri 89%.

Mupiganyi yavuze ko imikorere myiza y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta itanga icyizere, ariko ko Inteko Ishinga Amategeko ikwiye kurushaho kongera imbaraga mu kugenzura imikoreshereze y'umutungo wa Leta.

Yavuze kandi ko ibyavuye mu bushakashatsi biterekana ko hakenewe gushyirwaho izindi nzego cyangwa amategeko mashya. Ahubwo icy'ingenzi ari ugushyira mu bikorwa amategeko n'inzego bihari, cyane cyane ibisabwa bijyanye no gutangaza amakuru ku ngengo y'imari no guha abaturage uruhare mu kugena no gukurikirana imikoreshereze y'ingengo y'imari.

Mupiganyi yavuze ko intambwe u Rwanda rumaze gutera idakwiye gupimirwa gusa ku bindi bihugu, ahubwo ko hakwiye no kurebwa impinduka zikenewe muri gahunda y'imicungire y'imari ya Leta mu Rwanda.

Gutangaza amakuru ku ngengo y'imari hakiri kare biracyari ikibazo

Ubushakashatsi bwagaragaje kandi ko gutinda gutangaza amakuru ku ngengo y'imari ari indi mbogamizi. U Rwanda rutegura inyandiko z'ingenzi z'ingengo y'imari zisuzumwa muri 'Open Budget Survey', ariko hari zimwe zidatangazwa mu gihe giteganyijwe.

Ikibazo gikomeye cyagaragaye kuri Raporo y'umwaka urangiye, aho raporo y'imari ihuriweho y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2022/2023 yatangajwe nyuma y'amezi hafi 17 kuva umwaka w'ingengo y'imari urangira, mu gihe igipimo cyagenwe ari amezi 12.

Ubushakashatsi bwagaragaje kandi ko zimwe mu nyandiko z'ingengo y'imari zigifite amakuru atuzuye, cyane cyane ku bijyanye n'imikoreshereze y'imari mu myaka yashize, ingaruka zishobora kugira ku mari ya Leta, imisoro Leta itakusanyije, umutungo wa Leta n'andi makuru ajyanye n'imari.

Umuyobozi w'Ishami ry'Ingengo y'Imari muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, Rwigamba Jeanette, yavuze ko ibyavuye mu bushakashatsi bidakwiye gufatwa gusa nk'amanota yo guha Leta, ahubwo bikwiye gufatwa nk'amahirwe yo kunoza uburyo amakuru y'ingengo y'imari akorwa, atangazwa kandi akoreshwa.

Yavuze ko gukorera mu mucyo bidakwiye gupimirwa gusa ku bwinshi bw'amakuru Leta itangaza, ahubwo ko hakwiye kurebwa niba abaturage bashobora kuyumva no kuyakoresha. Yagize ati: "Gukorera mu mucyo ku ngengo y'imari bigira agaciro cyane iyo umuturage ashobora kumva uko umutungo wa Leta ugenerwa ibikorwa bitandukanye."

Yongeyeho ko Inteko Ishinga Amategeko ikwiye kugira amakuru ahagije kugira ngo ibashe gusuzuma neza igenamigambi rya Leta n'uko rishyirwa mu bikorwa, mu gihe inzego z'ubugenzuzi zikwiye kuba zishobora gukurikirana uko amafaranga ya Leta akoreshwa, kandi abaturage bakagira uruhare mu byemezo bigira ingaruka ku mibereho yabo.

Umujyanama mu by'imisoro n'imicungire y'imari ya Leta mu karere ka Afurika y'Iburasirazuba muri Ambasade y'u Bwongereza, Antonia Strachey, yashimye intambwe u Rwanda rukomeje gutera muri ubu bushakashatsi.

Yavuze ko u Rwanda rwagaragajwe mu itangizwa ry'ubushakashatsi bwa 'Open Budget Survey' ku rwego mpuzamahanga nka kimwe mu bihugu bikomeje gutera imbere muri uru rwego. Yagize ati: "Intambwe ikomeye ikurikiraho ni ukureba uko ayo makuru akoreshwa ndetse n'uko abaturage basanzwe bashobora kuyumva no kuyakoresha."

Raporo y'ubushakashatsi yasabye u Rwanda kongera uburyo abaturage n'imiryango itari iya Leta bashobora gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari no gutanga ibitekerezo ku mishinga ya Leta n'itangwa rya serivisi.

Yasabye kandi Inteko Ishinga Amategeko gutegura no gutangaza amakuru ajyanye n'uruhare rw'abaturage mu biganiro ku ngengo y'imari, harimo ingengabihe y'ibiganiro, ibitekerezo by'abaturage n'ibyavuye muri ibyo biganiro.

Ku bijyanye n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta, raporo yasabye gushyiraho uburyo busobanutse bwafasha abaturage n'imiryango itari iya Leta kugira uruhare mu gutegura gahunda z'igenzura n'iperereza ry'imari, harimo igenzura rikorwa ku bufatanye n'abaturage, igenzura ry'imibereho y'abaturage ndetse no gukurikirana imikoreshereze y'amafaranga ya Leta.

Raporo kandi yasabye Inteko Ishinga Amategeko gutangaza raporo za Komisiyo zayo ku isesengura ry'ibiteganyijwe gukoresha mu ngengo y'imari, ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari mu mwaka ndetse n'ibyavuye mu igenzura ry'imikoreshereze y'imari.





# Ubuhinzi n'ubworozi byinjirije u Rwanda asaga Tiriyali 1,5 Frw mu 2025/26

ZIGAMA Theoneste

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Iyoherezwa mu Mahanga ry'Ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB) cyatangaje ko ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi byinjirije u Rwanda asaga miliyari 1,1 z'amadolari ya Amerika (Tiriyali 1,5 Frw) mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/26. NAEB ivuga ko ibi ari ubwa mbere bibaye aho amafaranga yinjijwe n'uru rwego arenga miliyari imwe y'amadolari.***

Mu itangazo NAEB yashyize ahagaragara yavuze ko amafaranga yinjijwe n'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi yiyongereyeho 24,3%, avuye kuri miliyoni 893 (miliyari 1,2 z'amafaranga y'u Rwanda) z'amadolari mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024/25.

Iyi ntambwe isobanuwe nk'ikimenyetso cy'iterambere ry'urwego rw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi byoherezwa mu mahanga, ndetse n'imbaraga Guverinoma y'u Rwanda ikomeje gushyira mu kongera umusaruro, kuwongerera agaciro no kwagura amasoko mpuzamahanga.

NAEB yavuze ko hari ibikorwa bitandukanye byagize uruhare mu kuzamura umusaruro w'ibyoherezwa mu mahanga, birimo guteza imbere ibikorwaremezo bitunganya umusaruro w'ubuhinzi no kuwupima ubuziranenge mbere yo koherezwa ku masoko mpuzamahanga.

Hakozwe kandi ibikorwa byo kunoza uburyo bwo gukurikirana inkomoko y'umusaruro no kuzamura icyizere cy'abaguzi ku bicuruzwa by'u Rwanda, kubahiriza amabwiriza mpuzamahanga y'ubuziranenge, ndetse no kwagura ibikorwa byo kumenyekanisha ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi by'u Rwanda ku masoko yo hanze.

NAEB kandi yagaragaje ko iterambere ry'ibikorwaremezo by'ubwikorezi, guhanga udushya no gukoresha ikoranabuhanga mu ruhererekane nyongeragaciro byagize uruhare muri iri zamuka.

Muri ibyo bikorwa harimo amarushanwa ngarukamwaka agamije guteza imbere no kumenyekanisha ikawa y'u Rwanda y'ubwiza buhebuje, ndetse n'ibikorwa bigamije kongera umusaruro w'ibihingwa, kubaka ubushobozi bw'abahinzi no kubakangurira



Avoka ni zimwe mu mbuto u Rwanda rwohereza hanze

kunoza imikorere.

Umuyobozi Mukuru wa NAEB, Claude Bizimana, yavuze ko kuba u Rwanda rwarageze ku ntego yo kwinjiza asaga miliyari y'amadolari avuye mu byoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi ari intambwe ikomeye.

Yagize ati: "Kugera ku ntego yo kwinjiza asaga Miliyari y'amadorali ni intambwe ikomeye, igaragaza imbaraga Igihugu gishyira mu guteza imbere urwego rw'ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi."

Yakomeje agaragaza ko mu gihe u Rwanda rukomeje gukora ibishoboka byose ngo rugere ku ntego za Gahunda ya Kabiri yo kwihutisha ubukungu (NST2), ndetse na Gahunda ya Gatanu yo kuvugurura ubuhinzi (PSTA5), NAEB ikomeje gukorana n'abafantanyabikorwa bose mu kongera amadovize yinjizwa n'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, ndetse no kwagura amasoko mpuzamahanga.

NAEB ivuga ko izakomeza gukorana n'abahinzi, abatunganya umusaruro, abacuruzi n'abandi bafatanyabikorwa mu rwego rwo kongera umusaruro, kuwongerera agaciro no gushaka amasoko mashya ku rwego mpuzamahanga.

SHEMA Ivan

# Ibiciro ku masoko mu Rwanda byiyongereyeho 14,5% muri Nyakanga 2026

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare (NISR), cyatangaje ko ibiciro ku masoko muri Nyakanga 2026 byiyongereye ku kigero cya 14,5% ugereranyije na Nyakanga 2025. Ibipimo byatangajwe kuri uyu wa 10 Kanama 2026, byerekanye ko ibiciro mu mijyi byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 13,1%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 9,8%, ibiciro by'inzu, amazi, amashanyarazi, gaze n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 21%.***



Ibiciro ku masoko byiyongereyeho 14,5% muri Nyakanga 2026

Hari kandi ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 24,2% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 14,2%. NISR yagaragaje ko ugereranyije Nyakanga 2026 na Kanama 2026, ibiciro byiyongereyeho 0,9%.

Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 1,3%.

Muri rusange ugereranyije Nyakanga 2026 na Nyakanga 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 11,4%.

Muri Nyakanga 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 13,3% ugereranyije na Nyakanga 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2026 byari byiyongereyeho 12,1%.

# RIB yasabye Abanyarwanda kwirinda kuyikoresha nk'igikangisho ku bandi

KAMALIZA Agnes

***Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) rwasabye Abanyarwanda kwirinda kurukoresha nk'igikangisho kigamije gutera ubwoba abandi, ahubwo bakarufata nk'urwego rushinzwe kurengera umutekano n'inyungu z'abaturage muri rusange.***

Ibi byatangajwe nyuma yuko ku mbuga nkoranyambaga hakunze kugaragara abantu basaba RIB guta muri yombi cyangwa gukora iperereza ku bantu badahuje na bo ibitekerezo ku ngingo runaka.

Ibi byongeye kugaragara kuva ku wa Gatanu, ubwo bamwe mu bakoresha imbuga nkoranyambaga basabaga ko umunyamakuru Kayitesi Yvonne, uzwi nka Tessy, atabwa muri yombi ndetse agapimwa ibiyobyabwenge, nyuma y'aho yari yatangaje amagambo ataravuzweho rumwe ku bafana b'Ikipe ya Rayon Sports abita ko badasirimutse.

Aya magambo yakuruye umujinya mu bakunzi ba Rayon Sports, bamwe bamwibasira mu magambo mabi, bituma Tessy, yongera gutangaza ubutumwa busaba imbabazi.

Yagize ati: "Ndasaba imbabazi ku bw'amagambo adakwiye nakoresheje ubwo nari mu kiganiro cya Podcast na Naissa Cynthia mu minsi ishize. Ayo magambo ntiyari agamije kugaragaza urwango, kubahuka cyangwa inabi hagati yanjye na Rayon Sports, abakinnyi bayo, ubuyobozi bwayo cyangwa abafana bayo."

Tessy yavuze ko yubaha Rayon Sports n'abakunzi bayo, ashimangira ko yicuza ingaruka amagambo ye yateje kandi ko atari agamije guteza urwango cyangwa amakimbirane muri rubanda.

**Bamwe basaba ko RIB imuta muri yombi**

Nubwo Tessy yasabye imbabazi, bamwe mu bakoresha imbuga nkoranyambaga bakomeje kumusabira guhanwa, ndetse hari n'abasabye RIB kumukoraho iperereza ko yaba akoresha ibiyobyabwenge.

Uwitwa Teta yanditse kuri X asaba RIB gutangira iperereza kuri Tessy, anasaba ko yapimwa niba akoresha ibiyobyabwenge birimo urumogi na kokayine.

Yagize ati: "Turasaba RIB ko yatangira iperereza kuri uyu mugore niba nta biyobyabwenge akoresha. Ntabwo byumvikana ukuntu umuntu muzima udakoresha ibiyobyabwenge, yavuga ariya magambo ateye isoni kuri Rayon, nyamara ari yo kipe yonyine yo mu Rwanda yahesheje ishema u Rwanda. Turasaba RIB kumuta muri yombi agapimwa ko adakoresha urumogi cyangwa kokayine."

Umuvugizi wa RIB, Dr. Murangira Thierry, mu butumwa yanyujije ku rubuga rwa X ku mugoroba wo ku wa 15 Kanama 2026, yasubije ko Teta ko RIB idakwiye gufatwa nk'igikangisho, ahubwo ko Abanyarwanda bayifata nk'urwego rwubashywe kandi rukorera mu nyungu rusange.

Yagize ati: "Uraho Teta, usibye ko yasabye imbabazi[Tessy] ku magambo avuga ko atari meza yakoresheje, ndajya inama ko RIB yacu kandi yanyu itakoreshwa nk'igikangisho. Reka twese duharanire ko RIB itaba urwego rukangisha, ahubwo ibe urwego rwubashywe, byose ku neza ya rubanda."

Nyuma y'ubutumwa bwa Dr. Murangira ndetse no kuba Tessy yasabye imbabazi, bamwe mu bakunzi ba Rayon Sports bagaragaje ko bamubabariye, mu gihe abandi bakomeje gusaba ko ahanwa ku bw'amagambo yavuze.



Umuvugizi wa RIB Dr Murangira B. Thierry yasabye Abanyarwanda kwirinda gufata RIB nk'igikangisho ku bandi

ZIGAMA Theoneste

# Umunyeshuri w'u Rwanda yasoje urugendo rw'amateka kuri 'Pôle Nord'

***Umunyeshuri w'u Rwanda Izere Louise yasoje urugendo rw'ubushakashatsi rw'iminsi 10 kuri 'Pôle Nord', akoresheje ubwato bw'u Burusiya bukoresha ingufu za Nikeleyeri, aba Umunyarwandakazi wa mbere ugeze kuri iyo ntangiriro y'Isi, nk'uko byatangajwe n'Ikigo cy'u Burusiya gishinzwe Ingufu za Nikeleyeri (ROSATOM).***

Izere yari mu rubyiruko rw'imyaka hagati ya 14 na 16 rufite inyota yo kumenya ibijyanye na siyansi, rwatoranyijwe mu bihugu 22 kugira ngo rwitabire ku nshuro ya karindwi urugendo mpuzamahanga rwiswe 'Icebreaker of Knowledge' rutegurwa na 'Rosatom'.

Urugendo rwasojwe ku wa 13 Kanama, nyuma y'uko ubwato '50 Let Pobedy' buvuye i Murmansk bukagera kuri 'Pôle Nord' no mu birwa bya Franz Josef Land, mbere yo kongera gusubira i Murmansk. Uru rugendo kandi rwabaye urwa 200 ubwo bwato bumaze gukora rugana kuri Pôle Nord.



Izere Louise ni umwe mu banyeshuri bitabiriye urugendo rwo kuri Pole Nord

Izere yavuze ko uru rugendo rwari amahirwe yo guhagararira u Rwanda, kubona ubunararibonye mu bikorwa bifatika by'ubushakashatsi bwa siyansi no guhura n'abanyeshuri baturuka mu bindi bihugu bakungurana ubumenyi.

Yagize ati: "Kugera kuri 'Pôle Nord' ni ikintu ntazigera nibagirwa. Kwibonera n'amaso yanjye urubura rwinshi ruri ahakonja cyane byatumye menya ko hakiri byinshi ku mubumbe wacu bigomba kuvumburwa."

Yavuze ko uru rugendo rwanatumye arushaho gutekereza ku hazaza he no gushyiraho intego zikomeye kurushaho. Muri uru rugendo, abanyeshuri bakoranye n'abahanga mu bikorwa by'ubushakashatsi, birimo kohereza radiosonde, igikoresho gikoreshwa mu gukusanya amakuru ajyanye n'imiterere y'ikirere.

Yegor Plakhotnyuk, ukuriye imishinga mu Kigo cy'Ubushakashatsi ku Bumenyi bw'Ikoranabuhanga n'Ubwubatsi muri Rosatom, yavuze ko guha urubyiruko amahirwe yo kwibonera ibikorwa bya siyansi ari ingenzi mu kurutera umwete wo kuzayigira umwuga. Yagize ati: "Buri munsi muri ROSATOM, dukora ku bintu byigeze gusa n'ibidashoboka mu bijyanye na siyansi."

Umuyobozi w'ubwato '50 Let Pobedy', Ruslan Sasov, yavuze ko abakozi b'ubwato bishimiye kwakira iyi gahunda kuko ingendo nk'izi zifasha urubyiruko kumenya siyansi no kurushishikariza gukurikirana intego zarwo. Yavuze ko benshi mu banyeshuri bari bafite inzozi zo kugera kuri Pôle Nord no kubona urubura rukunze kugaragara mu bihugu bikonja cyane.

U Rwanda n'Ikigo cy'u Burusiya cya ROSATOM bafitanye ubufatanye muri uru rwego kuva mu 2019, ubwo impande zombi zasinyaga amasezerano agamije guteza imbere abakozi n'abahanga bafite ubumenyi mu by'ingufu za Nikeleyeri.

ROSATOM ivuga ko Abanyarwanda 18 bize amasomo ajyanye n'ingufu za Nikeleyeri muri za kaminuza zo mu Burusiya ubu bakorera mu Rwanda mu rwego rw'izo ngufu n'izindi nzego zijyanye na zo.

Mu 2025, abanyeshuri b'Abanyarwanda icyenda barangije amasomo muri 'National Research Nuclear University MEPhI' yo mu Burusiya.

Mu mwaka w'amashuri wa 2026-2027, Rosatom yashyizeho imyanya 20 y'abanyeshuri b'Abanyarwanda baziga ku bijyanye n'ingufu za Nikeleyeri n'amasomo afitanye isano na zo muri za Kaminuza zo mu Burusiya.





# Kugira urubyiruko rutabaswe n'ibiyobyabwenge ni ugutegura Igihugu twifuza - Dr. Utumatwishima

HITIMANA Servand

***Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Dr. Utumatwishima Abdallah yasabye abagize umuryango nyarwanda guhuza imbaraga mu guha uburere bwiza abana n'urubyiruko, bagakumira icyabashora mu bubata bw'inzoga n'ibiyobyabwenge kuko ari byo bizafasha mu kugira imbaraga z'urubyiruko Igihugu cyifuza gushingiraho cyubaka ejo hahaza hacyo hatajegajega.***



Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Dr. Utumatwishima Abdallah

Ni ubutumwa Minisitiri Dr. Utumatwishima yagarutseho ku wa Gatatu tariki 12 Kanama, ubwo hizihizwaga Umunsi Mpuzamahanga w'Urubyiruko, wabereye mu Karere ka Gatsibo ku rwego rw'igihugu. Yavuze ko kugira ngo urubyiruko rube imbaraga z'Igihugu zubaka kandi vuba nkuko biri mu ntero yarwo, bisaba ko rutegurwa guhera mu bwana rugaherekezwa rwigishwa uburere buzima buzira ububata bw'inzoga n'ibiyobyabwenge.

Yagize ati: "Ntabwo izi mbaraga z'urubyiruko tuvuga twazigira rwarashegeshwe n'ibiyobyabwenge. Ntawakubaka vuba ari kudandabirana ari yo mpamvu kubungabunga za mbaraga zizubaka bidusaba kwitandukanya n'ububata bw'ibitwangiza." Yagaragaje ko kubungabunga urubyiruko bireba umuryango nyarwanda urimo ababyeyi ndetse n'ubuyobozi muri rusange.

Ati: "Ababyeyi mu miryango, ubuyobozi mu nzego zose turasabwa gufatanya mu kurera umwana akiri muto tukamuremamo Umunyarwanda wumva ko igihugu ari we kandi akaba ashoboye kubisobanura aho ari hose. Ibi ntibyakunda mu gihe umwana yirirwa yicaranye n'abari mu nzoga akagera mu gihe cy'urubyiruko na we azinywa zaramuzengereje."

Akomeza agira ati: "Uyu munsi twizihiza umunsi wahariwe urubyiruko dufite umukoro wo gukumira ibyonnyi byose byakwangiza urubyiruko. Ibi birimo inzoga navugaga, ibiyobyabwenge ndetse n'ibindi birarura urubyiruko."

Minisitiri Utumatwishima yasabye urubyiruko kwita ku gaciro Leta yabahaye bakabakabyaza umusaruro bihatira kwiga no guhanga imirimo kugira ngo bagere ku ntego. Yagize ati: "Ubuyobozi bwiza bw'Igihugu bwakoze ibishoboka mu kubaha umwanya mugiriramo uruhare mu byemezo bibareba. Mu Nama Njyanama hari uhagarariye urubyiruko, mu Nteko Ishinga Amategeko ndetse no muri Guverinoma dufitemo abakiri mu myaka y'urubyiruko. Bivuze ko ahafatwa ibyemezo bibangamiye urubyiruko bakoresha rya jambo bakagira bati: musigeho ibi byatugiraho ingaruka."

Yongeyeho ati: "Aya mahirwe rero twahawe na Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda dukwiye kuyubaha, tukanayabyaza umusaruro kuko nta rwitwazo rundi dufite. Urubyiruko rwige neza ruharanire ibiruteza imbere duhange imirimo twiyubakire Igihugu:"

Bamwe mu rubyiruko bavuga ko gutegura ubuzima bwabo bakiri bato ari byo byabaha icyizere cyo kuzaba abantu bakuru bafite ijambo kandi bagirira igihugu umumaro.

Diane Nayituriki wiga ibijyanye no kudoda yagize ati: "Kuri uyu munsi w'urubyiruko uranyibutsa ko hari amahirwe nahawe nkwiye gukoresha nkaziteza imbere. Ubu ndi kwiga ubudozi aho nizera ko umwaka utaha ku munsi nk'uyu nzaba mbyaza umusaruro uyu mwuga wanjye, bigatuma niha icyo nkeneye sinsuzugurwe nuwo nasaba, bikazatuma ngira ijambo mu bandi."

Mugenzi we Akayezu Justine amaze imyaka ibiri ari umudozi wabyigiye mu ishuri rya Masaka mu Mujyi wa Kigali, avuga ko kugira umwuga birinda kujarajaza umutima n'ubwo ku kujya mu bidafite umumaro. Ati: "Njye maze imyaka ibiri nkorera amafaranga, kwiga umwuga waje kumpa n'akazi byarandinze mu bukumi bwanjye aho nihaga icyo nkeneye. Urubyiruko rufite icyo rukora birufasha kutajagarara mu bidafite umumaro bigera no ku bwihebe burushora mu nzoga n'ibiyobyabwenge. Ubu ndi umugore ndubatse kandi ndi mu cyerekezo cy'iterambere."

Abandi mu rubyiruko rwaganiriye na Imvaho Nshya rugaragaza ko rwiteguye gukurikiza impanuro z'ubuyobozi by'umwihariko bitabira ibikorwa biganisha mu iterambere ndetse bakirinda ibiyobyabwenge n'ibindi bitari ngombwa byabatandukanya n'indangagaciro zo kubaka Igihugu. Hagaragajwe ko Imibare y'ikigo cy'igihugu cy'ibarurishamibare yerekana ko kugeza ubu abafite imyaka 16 kugera kuri 30 ari miliyoni 4 muri miliyoni 14,5 z'abaturage b'u Rwanda bakaba bangana na 24%.

# Gakenke: Iyangirika ry'umuhanda Kinoko – Nyabitare ribangamiye ubuhahirane



Umuhanda Kinoko -Kamubuga abaturage bifuza ko wubakwa

NGABOYABAHIZI Protais

***Abakoresha umuhanda wa Kinoko – Nyabitare - Mubuga mu Karere ka Gakenke bavuga ko iyangirika ryawo, cyane cyane mu gihe cy'imvura, ribahombya amafaranga kandi rikadindiza ubuhahirane, bagasaba ko hakorwa ibikorwa byihutirwa byo kuwubungabunga, birimo kuwushyiriraho imiferege no kuwutsindagira.***

Uyu muhanda ukoreshwa n'abaturage bajya mu mirima, abajyana umusaruro ku masoko ndetse n'abatwara abagenzi n'imizigo. Icyakora, abaturage bavuga ko iyo imvura iguye, ibice bimwe byawo byuzura ibyondo, ibinogo n'ibizenga by'amazi, bigatuma ibinyabiziga bigorwa no kuwunyuramo.

Bavuga ko ibi bituma umusaruro utwarwa ku isoko bigoranye, rimwe na rimwe bakaba banawikorera ku mutwe igihe imodoka yananiwe kugera aho bagomba kuwugeza. Mukamana Beatrice, umwe mu bahinzi bakoresha uyu muhanda buri munsi, avuga ko iyangirika ryawo ribagiraho ingaruka zitandukanye, harimo no kongera ikiguzi cyo kugeza umusaruro ku isoko.

Yagize ati: "Uyu muhanda ni wo dukoresha tujya mu mirima, dutwara imbuto, ifumbire ndetse n'umusaruro twasaruye tuwujyana mu rugo no ku masoko. Iyo wangiritse, imodoka zipakiye ntizibasha kuwunyuramo neza kubera ubunyereri n'ibinogo byinshi, bikadusaba kwikorera umusaruro ku mutwe, ibintu bituma ibikorwa byacu bihenda kandi bikadutwara igihe."

Avuga ko iyo umuhanda wangiritse, ikibazo kitagarukira ku kuba imodoka zitahanyura neza gusa, ahubwo kigera no ku musaruro w'abahinzi, kuko kuwugeza ku isoko bisaba izindi mbaraga n'amafaranga. Nsabimana Eulade, na we ukoresha uyu muhanda, avuga ko imiterere yawo mu gihe cy'imvura yigeze gutuma imodoka bari barimo idakomeza urugendo kubera ubunyereri n'isayo.

Yagize ati: "Iyo imvura yaguye, uyu muhanda uba umeze nabi cyane. Imodoka twarimo umunsi umwe yananiwe gukomeza, tuyisiga hakurya dukomeza n'amaguru kandi twari tugifite urugendo rurerure rugana mu Murenge wa Mubuga. Turasaba ubuyobozi kuwitaho kuko nibidakorwa vuba ushobora kuzangirika kurushaho ntube ugikoreshwa."

Ku baturage, ikibazo cy'uyu muhanda ni icy'ingenzi kuko bawukoresha mu bikorwa bya buri munsi birimo ubuhinzi, ubucuruzi n'ingendo. Bavuga ko mu gihe cy'izuba umuhanda uba umeze neza ugereranyije n'igihe cy'imvura, ariko iyo imvura imaze igihe igwa ubutaka bugahaga amazi, uhinduka isayo irimo ibinogo n'ibizenga, bigatuma ibinyabiziga bigorwa no kuwunyuramo.

Umwe mu bashoferi bakorera muri uyu muhanda, Ntakirutimana Jean de Dieu, utwara abagenzi avuga ko ibi bishobora guteza impanuka, cyane cyane ku bice bihanamye, kandi ko bogorana gushorayo imodoka. Yagize ati: "Uyu muhanda mu bihe by'imvura uteza ibibazo mu ngendo n'ubwikorezi nta mushoferi wazana imodoka ye kandi azi ko ishobora kurigita no kugwa kubera ubunyereri, n'abahaza muri ibi bihe akavura gatangiye kugwa baba basa n'abiyahura. Dusaba ko uyu muhanda wakongera kwitabwaho."

Abaturage bavuga ko bazi ko gushyira uyu muhanda ku rwego rwa kaburimbo bisaba igihe n'umutungo, ariko bakifuza ko mu gihe bategereje icyo gisubizo kirambye hakorwa ibikorwa by'ibanze byawufasha kudakomeza kwangirika, nko gushyiraho imiferege ifata kandi ikayobora amazi, gutsindagira igitaka no gusana ibice byangiritse, ugasubira nk'uko wari umeze nyuma yo gushiramo igitaka.

Bavuga ko amazi ari kimwe mu bituma umuhanda Kinoko – Nyabitare - Mubuga wangirika cyane mu gihe cy'imvura, bityo kuyayobora neza byafasha kugabanya ibyondo n'ibinogo ndetse bikagabanya amafaranga abaturage batakaza mu gutwara umusaruro.

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu, Niyonsenga Aimé François, avuga ko Akarere kazi ikibazo cy'uyu muhanda ndetse ko hari ingamba ziri gufatwa mu kuwubungabunga, kugeza igihe hazabonekera uburyo bwo kuzawushyiramo kaburimbo kuko bisaba inyigo kandi ko imwe mu mpamvu zatumye wangirika ari uburemere bw'amakamyo atwara umucanga uvanwa ku Mugezi wa Mukungwa.

Yagize ati: "Uyu muhanda ukoreshwa cyane n'amakamyo atwara umucanga. Mbere yanyuraga mu Karere ka Nyabihu, ariko kubera ibipimo by'ibiraro bitazemereraga kunyuraho, amenshi yatangiye kunyura muri Gakenke. Urebye aho umuhanda wubatse, ni ku butaka bworoshye, bityo uburemere bw'ayo makamyo n'imvura bikihutisha iyangirika ryawo."

Niyonsenga avuga ko Akarere gafatanyije n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere ubwikorezi (RTDA) ndetse n'Ikigega cy'Igihugu gishinzwe Kubungabunga Imihanda (RMF), hashyizweho amatsinda y'urubyiruko rwahuguwe mu gufata neza imihanda yo mu cyiciro cya mbere.

Yasobanuye ko kuri uyu muhanda habaye ikibazo cy'isosiyete yari ishinzwe kuwitaho, bituma ibikorwa byo kuwubungabunga bidakorwa uko bikwiye, icyakora, ngo nyuma y'igenzura ryakozwe na RTDA na RMF, iyo sosiyete yategetswe gusana ibice byangiritse kugira ngo umuhanda wongere ukoreshwe neza.

Niyonsenga avuga kandi ko gahunda nshya yo gukurikirana imihanda mu buryo buhoraho igamije gufasha gukemura ibibazo bikiri bito mbere y'uko bifata intera. Yagize ati: "Intego ni ukugira ngo ahagaragaye ikibazo gito gihite gikemurwa hakiri kare. Turizera ko gukomeza kubungabunga uyu muhanda bizatuma ukomeza gukoreshwa neza kandi ikibazo cy'uko wangirika cyane mu bihe by'imvura ntikizongere kubaho."

Nubwo ubuyobozi buvuga ko hari ingamba zo gukomeza kuwubungabunga, abaturage bavuga ko igikenewe ari ibikorwa bigaragara ku muhanda, cyane cyane mbere y'uko imvura nyinshi igwa.

Basaba ko imiferege yashyirwa ahantu amazi anyura cyane, ibice byangiritse bigasanwa ndetse umuhanda ugatsindagirwa kugira ngo ibinyabiziga bikomeze kuwunyuramo. Bavuga ko ibi byaba igisubizo cy'igihe gito cyabafasha mu gihe bategereje ko umuhanda uzashyirwamo kaburimbo.

Ku bahinzi, abacuruzi n'abashoferi bawukoresha, ikibazo cy'umuhanda ntikirebwa gusa nk'icy'ingendo, ahubwo gifite n'ingaruka ku bukungu bw'ingo, kuko umuhanda utameze neza utuma umusaruro kuwugeza ku isoko bisaba igihe, imbaraga n'amafaranga menshi.





# Nyagatare: Uwanywaga ibyuma 4 ku munsi yashimye ko yatabawe bitaramuhitana

HITIMANA Servand

***Umwe mu baturage bo mu Karere ka Nyagatare witwa Nyagatare Vincent, utuye mu Mudugudu wa Barija, Akagari ka Barija, mu Murenge wa Nyagatare, avuga ko ku munsi yanywaga ibyuma bine bizwi nka Lakigini (Lucky Gin). Avuga ko kuri ubu ashima icyemezo cy'ubuyobozi bw'u Rwanda cyo guca izi nzoga kuko nyuma yo gusobanurirwa ububi bwabyo asanga zari kuzamutwara ubuzima.***



Hari abashima ko hakuwe ku isoko inzoga zarimo zibangiriza ubuzima

Uyu muturage ahamya ko atari azi ububi bwabyo kuko yazinywaga nk'inzoga zemewe kandi zituruka mu ruganda ruzwi, gusa ngo ntiyakekaga ko hari ibibazo zamutera. Ati: "Njyewe ubusanzwe ntabwo nakunze kunywa inzoga za rufuro. Ninyweraga Lakigini aho buri munsi nibura nanywaga 4. Ni inzoga numvaga nizeye kuko nta yandi makuru nari nzifiteho."

Yongeyeho ati: "Nyuma yuko bavuze ububi buri muri izi nzoga n'uburyo zikorwamo narahangayitse cyane ndetse numva ntangiye kwikanga ko zaba zaranyangije. Ubu uyu munsi ndi kwicara nkumva umusonga unkubise mu nda. Niba ari ubwoba, niba zaratangiye kuntwika ni byo ntazi ariko ndaza kugana kwa muganga bandebere."

Nyagatare avuga ko nyuma yo gukurikira amakuru yatanzwe ku ikorwa ry'izi nzoga, yasanze yaganaga ahantu habi ndetse ashima ubuyobozi buziciye zitaramutwara ubuzima. Ati: "Ubu ni yo mpamvu naje hano aho bazimena kugira ngo mbikurikirane kuko ndumva ubuyobozi buntabaye zitaranyirenza. Ubwinshi bw'inzoga nanywaga nasanze ziramutse ari zimwe zemewe kunyobwa, urugero nka Primus, naba nanywaga amacupa 43 ku munsi kugira ngo mbe ngeze ku musemburo w'amacupa ane ya 'Lakigini' nanywaga ungana na Alukolo ingana na 42x4 ubwo ni 168."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Matsiko Gonzague yabwiye Imvaho Nshya ko abaturage basabwa guca ukubiri n'izo nzoga kuko ari icyago ku buzima bwabo. Asaba ababa bakizifite mu ngo kuzigaragaza kuko uzazifatanwa azafatwa nk'umunyabyaha.

Yagize ati: "Tumaze gukusanya inzoga nyinshi zagaragajwe nk'icyorezo ku buzima bw'abaturage, aho ziri kwangizwa no kumenwa. Dusaba abacuruzi baba barazihishe ko bazigaragaza kuko uzazifatanwa azashyikirizwa ubutabera bizaba ari icyaha akora nkana. Abaturage na bo tubasaba kumva impanuro z'ubuyobozi bakirinda ibibangiriza ubuzima ndetse bagatanga amakuru ku ho zaba zikiri."

Kuva igikorwa cyo gukusanya inzoga zitujuje ubuziranenge zivanwa aho zicururizwa cyatangira mu cyumweru gishize, mu Karere ka Nyagatare hamaze gukusanywa litiro zisaga 102 000 ziganjemo inzoga z'ibyuma zakorerwaga mu Rwanda no mu bihugu by'abaturanyi.

# Karongi: Hamenwe litiro 2 152 z'inzoga zitujuje ubuziranenge

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Mu Kagari ka Kibirizi, Umurenge wa Rubengera, Akarere ka Karongi, hamenwe litiro 2 152 z'inzoga zitujuje ubuziranenge ku wa 12 Kanama 2026, zirimo iz'ubwoko bw'ibyuma n'inzagwa zo mu macupa. Abaturage bitabiriye iki gikorwa bashima Leta iciye ubu burozi bwabangirizaga urubyiruko bukanabasenyera imiryango.***

Abaganiriye na Imvaho Nshya nyuma yo kuzimena bavuze ko batazongera kwihanganira kubona abazicuruza, uwo bazajya babona bazajya bahita batungira agatoki ubuyobozi, bakanahamya ko ibibazo zatezaga birimo urugomo, amakimbirane mu miryango n'ubukene bukabije bigiye kugabanyuka.

Mutungirehe Elysée w'imyaka 23, uhamya ko zari zaramugize imbata yavuze ko noneho agiye gutunga ifaranga kuko iryo yabonaga ryose ari ho yarijyanaga. Ati: "Zarankenesheje bitavugwa nkiri urubyiruko, ayo nkoreye yose ari ho nyaruhukiriza, imbaraga zinshiramo kuzireka byarananiye kubera kumva ziryoshye nkibwira ko zintungira ubuzima ntazi ko zibwangiza. Kuva ubu ngiye kwisana nshakisha amafaranga azandemera ubuzima buri imbere nyuma yo kuzinkura mu maso kuko ntazongera kuzirarikira ntazibona."

Byiringiro Jean Pierre, na we utuye mu Murenge wa Rubengera, yashimiye Leta iki gikorwa cy'indashyikirwa ikoze kizahora mu mateka, cyo guca izi nzoga zari zigiye kumara cyane cyane urubyiruko rwo mbaraga z'igihugu cy'ejo hazaza.

Ati: "Iki gikorwa nk'abaturage b'Umurenge wa Rubengera n'Akarere ka Karongi muri rusange twacyakiranye ibyishimo byinshi kuko urebye ubuzima izi nzoga zari zimaze kwangiza ntawe utacyishimira. Byatambukije ubutumwa kuri buri muturage, uwazinywaga n'utazinywaga no ku bazicuruzaga, bwo kumenya ko Leta yacu idukunda itakwihanganira ikitwangiza nubwo haba hari abakibonamo inyungu."

Yakomeje ati: "Twabonaga imiryango isenyuka umunsi ku wundi, ipfa ubusinzi bukabije bunazamo gucana inyuma kw'abashakanye, urubyiruko rwazirunduriyemo




Ubwo hamenwaga inzoga zitujuje ubuziranenge

rwashaje imburagihe, rutakigira imbaraga zo kugira icyo rwikorera n'ibindi bibi bitagira ingano zatezaga bigiye kuba amateka, abantu bagasubiza agatima impembero bagaharanira ikibateza imbere."

Murekatete Aline agaragaza icyizere cy'urubyiruko rutangiritse nyuma y'icibwa ry'izi nzoga. Ati: "Dufite icyizere ko urubyiruko rwacu, nyuma y'ibi biyoga rugiye kugira ubuzima buzima, bwiza butangiritse. Turashimira cyane Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda irangajwe imbere na Perezida Paul Kagame igaruriye abaturage benshi ubuzima bwagendaga bukendera kubera ibi biyoga. Tugiye kuyibera ijisho, aho tubonye ugerageza kubigarura mu baturage tumutungire agatoki ubuyobozi akanirwe urumukwiye."

Umuyobozi w'Akarere ka Karongi, Muzungu Gerard yabwiye Imvaho Nshya ko iki gikorwa cyagenze neza, cyishimiwe cyane n'abaturage bagaragazaga ko nyuma yacyo bagiye kurushaho gutekana nk'uko byagaragaye mu buhamya batanze.

Ati: "Igikorwa cyagenze neza cyane, abaturage bacyishimiye kubera ingaruka zabagiragaho mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Izo twamennye zibanze kuri ziriya z'ibyuma n'inzagwa nke zo mu macupa na zo zitujuje ubuziranenge. Hamenwe litiro 2 152 z'amoko atandukanye."

Yakomeje agira ati: "Abaturage batangaga ubuhamya bw'abo zangije imyijima, abagenda basusumira, abasore zasazishije imburagihe, abagenda babira ibyuya n'izindi ngaruka zirimo amakimbirane y'urudaca mu miryango, bifuzaga ko zacika bakagira amahoro."

Yabasabye ubufatanye kugira ngo zikomeze guhashywa kuko cyari icyorezo mu bindi, batungira agatoki ubuyobozi ababa bakizihishahisha cyangwa abazenga mu buryo butazwi, anaboneraho kwihanangiriza uwarenga ku mabwiriza akagaragara yongera kuziha abaturage, anasaba abacuruzi gucuruza ibintu bizima bitangiza.

# Musanze: Abaturage basaba ko ikiraro cya Mutobo cyubakwa mu buryo burambye

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bo mu Mirenge ya Gataraga na Kimonyi mu Karere ka Musanze bavuga ko ikiraro cya Mutobo, gihuza iyi mirenge, kimaze imyaka igera kuri itatu kidakoreshwa neza kubera gusaza kw'ibiti bikigize, bikabangamira imigenderanire n'ubuhahirane.***



Abambukira ku kiraro cya Mutobo barasabwa kubireka kuko bishora mu kaga

Iki kiraro giherereye hafi y'isanteri y'ubucuruzi ya Gataraga, kikaba cyubatse mu biti bimaze imyaka isaga 20. Abaturage bavuga ko uko imyaka ishira ibi biti bigenda bisaza kuko bikomeza kubora, ku buryo bamwe batinya kukinyuraho kubera impungenge z'umutekano wabo.

Mu gihe iki kiraro cyari kigikoreshwa neza, abaturage baturuka mu Gataraga bajya mu mirima yabo iri mu Murenge wa Kimonyi, kimwe n'abava Kimonyi bajya muri Gataraga bavuga ko bakoraga urugendo rw'iminota 25 gusa. Kuri ubu, kubera kutagikoresha, bagomba kuzenguruka, urugendo rukaba rushobora kumara hafi isaha n'igice.

Mukandekezi Collette, umuhinzi wo mu Kagari ka Rubindi, Umurenge wa Gataraga, avuga ko ikibazo cy'iki kiraro kibangamira cyane abahinzi bafite imirima hakurya y'iki kiraro. Yagize ati: "Mu gihe iki kiraro cyari kigikoreshwa, nakoreshaga iminota nka 25 nkagera mu murima. Ubu ngomba kuzenguruka nkamara hafi isaha n'igice. Ibi bituma dutakaza igihe kinini kandi by'umwihariko mu gihe cy'ihinga buri munota uba ufite agaciro."

Avuga ko n'umusaruro wabo uhura n'ingorane mu kuwugeza ku isoko, kuko inzira ndende ituma bawutwara bigoranye, ndetse n'abawikorera ku mutwe bakabasaba amafaranga menshi kubera intera ndende. Mukandekezi avuga kandi ko gusaza kw'ibiti by'ikiraro bituma abaturage bagira ubwoba bwo kugikoresha.

Yagize ati: "Hari ibiti bigenda bisaza ndetse bimwe bikarigitamo. Iyo ubibonye ugira ubwoba bwo kunyuraho, kandi dufite imirima hakurya. Turifuza ko iki kiraro cyasanwa cyangwa kikubakwa bushya ku buryo burambye, tukongera kubona uburyo bworoshye bwo kugera mu mirima no kugeza umusaruro ku isoko."

Imanirimaso Theogene, umwe mu baturage b'aka gace ko mu murenge wa Kimonyi, avuga ko ikibazo cy'ikiraro kitagarukira ku buhinzi n'ubuhahirane gusa, ahubwo ko kigira ingaruka no ku mutekano w'abaturage n'imitangire ya serivisi.

Avuga ko hari n'abakozi b'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ingufu, REG, bajya gusana imiyoboro y'amashanyarazi muri aka gace bagomba kuzenguruka kubera ko badashobora gukoresha iki kiraro, bikoreye n'ibikoresho, ibintu ngo bibateza imvune no guta umwanya munini bajya gusana cyangwa gukora umuyoboro.

Yagize ati: "Iki kiraro kibangamira iterambere kuko kibuza abaturage kugenderanira uko bikwiye. N'iyo abakozi baza gusana umuriro hari igihe bibasaba kuzenguruka. Hari abaturage bagiye bakigwamo; abagera kuri batatu bagwamo baravunika, bamwe banasigarana ubumuga, kuko bajyaga kwivuriza CHUK, urumva babaga babaye ibisenzegeri."

Imanirimaso avuga ko kuba iki kiraro kiri ahantu hazengurutse amashyamba na byo bituma abaturage batinya kugikoresha, cyane cyane iyo umuntu agiye kuhanyura wenyine, ikindi n'abajya kuyasarura babura aho banyuza umusaruro w'amashyamba.

Yagize ati: "Ubu nta muntu wahirahira ngo aze muri aka gace wenyine kuko hari abashobora kwambukira hano bakagwamo, bigatuma ubutabazi butinda kugera ku wahagiriye ikibazo. Turasaba inzego bireba, cyane cyane Akarere, kugira icyo zikora. Nibura hakongerwaho ibiti bishya bikomeye mu gihe hagitegerejwe ko cyubakwa mu buryo burambye."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Musanze buvuga ko ikibazo cy'iki kiraro bukizi, kandi ko cyashyizwe ku igenamigambi ry'ibikorwa bizakorwa mu minsi iri imbere. Nk'uko Umuyobozi w'Akarere ka Musanze wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Uwanyirigira Clarisse, abivuga ngo Akarere kamaze kubona ko iki kiraro gishaje kandi ko gahunda ari ukukubaka mu buryo burambye.

Yagize ati: "Yego, kiriya kiraro kiri mu byo akarere gateganya kubaka kuko bigaragara koko ko gishaje. Kuri ubu Akarere kakaba karagishyize ku rutonde rw'ibigiye kuzakorwa mu minsi iri imbere. Twahereye ku byari bishaje cyane, tukaba tuzacyubaka mu minsi iri imbere mu buryo burambye."

Uwanyirigira avuga ko mu gihe hagitegerejwe kubakwa kw'iki kiraro, akarere kari gushaka uburyo cyasanwa by'agateganyo binyuze mu muganda, hagashyirwaho ibiti bishya kandi bikomeye. Yagize ati: "Mu gihe tutari twatangira kucyubaka mu buryo burambye, tugiye gushaka uburyo twagisana binyuze mu muganda, hashyirwaho ibindi biti bikomeye bishya."

Yasabye abaturage gukomeza kwirinda kunyura kuri iki kiraro kugeza igihe kizasanwa, kubera ko gishobora kubateza impanuka, cyane ko kiri hejuru y'ahantu harehare. Yagize ati: "Ndasaba abaturage kwirinda kunyura kuri kiriya kiraro kuko gishobora kubateza akaga mu gihe kitari cyasanwa, cyane ko n'ubujyakuzimu bwacyo bigaragara ko ari burebure. Bakomeze kwirinda impanuka yaterwa n'iki kiraro."

Abaturage bavuga ko bategereje ko iyi gahunda ishyirwa mu bikorwa, kuko kubaka iki kiraro bitazabafasha gusa mu migenderanire, ahubwo bizorohereza n'abahinzi kugeza umusaruro ku masoko, abatanga serivisi kugera ku baturage ndetse n'abaturage gukomeza gukorana hagati y'Imirenge yombi.

# Nyagatare – Karama: Abagore bavuga imyato amatsinda yo kwizigamira abateza imbere

HITIMANA Servand

***Abagore bo mu Murenge wa Karama mu Karere ka Nyagatare bibumbiye mu matsinda y'ubwizigame bavuga ko amaze guhindura imibereho y'imiryango yabo binyuze mu kuzigama amafaranga make ya buri cyumweru, aho bibafasha mu kwikenura no kunganira abagabo babo mu iterambere ry'imiryango yabo.***

Abo bagore bahura ku mugoroba wa buri wa Gatatu w'icyumweru, buri mu itsinda bise 'Tugurizanye' ririmo abagore 20, umugore akizigamira amafaranga 1 500. Ayo mafaranga ashyirwa mu isanduku yabo ariko bakagenda banayagurizanya bityo bigafasha uyatwaye gukora umushinga uciriritse utuma yikura mu bukene ndetse akanayishyura.

Nizeyimana Jacqueline yagize ati: "Aya mafaranga turayakusanya tukaba dufite uko tugenda tuyagurizanya bitewe n'uko twatomboye, hanyuma umugore uyafashe akaba yagenda akarangura inyanya n'ibindi bicuruzwa akayabyaza umusaruro. Ibyo bituma abasha kugura ibyo akeneye iwe mu rugo akunganira umugabo guhaza umuryango we no kuwuteza imbere"

Ni amafaranga bagabana mu gihe cy'umwaka, aho bavuga ko bayongeranya na yo baba bakura mu bindi bikorwa byabo bya buri munsi bakayagura amatungo cyangwa ibikoresho byo mu ngo zabo biba bikenewe.

Muhawenimana Francose yagize ati: "Nubwo tugenda tuyagurizanya iyo bigeze mu mpera z'umwaka turagabana aho aba yariyongereyeho n'inyungu noneho buri wese akajya kwikenura bitewe n'ibyo

KOMEZA KU RUP.19





# Nyagatare – Karama: Abagore bavuga imyato amatsinda yo kwizigamira abateza imbere



Abagore bo mu Murenge wa Karama, mu Kagari ka Kabuga bungukira mu itsinda ryo kwizigamira no kugurizanya

IBIKURIKIRA URUP.18

akeneye mu buryo bwihutirwa. Icyo gihe rero dutangira bushya ubwizigame bw'undi mwaka."

Akomeza agira ati: "Nkanjye ubu aho ntangiriye iri tsinda niguriye intebe zo mu nzu tutari dufite mbasha no kugura ihene ubu nayo iri kubyara kandi nzi ko izangeza no ku bindi byinshi."

Abagore benshi bavuga ko mbere yo kwishyira hamwe bahuraga n'imbogamizi zikomeye. Zirimo kubura uburyo bwo kugera ku mafaranga cyangwa bwaba bunahari bukaba bugoye

Uwingeneye Clarisse yagize ati: "Mbere twagorwaga no kubona amafaranga twatangiza nk'ubucuruzi bwacu buciriritse. Byatumaga hari abishora mu nguzanyo za 'Lamberi' badafitiye n'ubushobozi bwo kuzishyura. Ni ho washoboraga gusanga abantu bari kugurishirizwa n'amatungo bari bafite cyangwa n'ako karima kakagenda. Kuri ubu rero twishakiye igisubizo kuko n'ushaka amafaranga menshi abitekereza yarabonye ayo aheraho azi n'uburyo bwo kuyakoresha"

Abo bagore bavuga ko iyi gahunda yo kwizigamira Iyi gahunda y'ubwizigame ifasha imiryango gucunga neza umutungo ifite, ariko ikagira n'uruhare mu iterambere, kunoza imibanire, kubaka ubumwe n'ubufatanye hagati y'abagore.

Nizeyimana yagize agira ati: "Uretse kugurizanya tukiteza imbere iyi gahunda inatuma duhurira hamwe tukagirana inama twungurana, bamwe bigira ku bandi uburyo bwo kubungabunga umuryango no kuwuteza imbere, bikanatuma tugira ubumwe n'urukundo."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Imibereho myiza Murekatete Juliet, ashimangira ko iyi gahunda ari urugero rwiza rw'ubukungu n'imibereho myiza bishingiye ku bufatanye.

Yagize ati: "Amatsinda y'abagore afite uruhare rukomeye mu iterambere n'imibereho y'abaturage bacu. Ni byiza cyane rero by'umwihariko iyo biri gukorwa n'abagore kuko tubaziho ku kwita ku bintu no kubikora neza baharanira ko bitabapfira ubusa. Iyo abagore bagize uruhare mu guteza imbere umuryango ni ishema kuri bo, ni ishema ku miryango yabo, ni ishema ku Karere no ku gihugu muri rusange."

Uyu muyobozi avuga ko aba bakwiye kuba urugero no ku bandi batarinjira muri gahunda yo kwizigamira no kugurizanya. Kugeza ubu mu Karere ka Nyagatare habarurwa amatsinda yo kwizigamira asaga 300 aho asaga 100 ari ay'abagore gusa.

# Nyamasheke: Abatujwe mu Mudugudu w'icyitegererezo wa Nganzo barasaba umuriro w'amashanyarazi

NDOLI Sitio

***Abaturage batujwe mu Mudugudu w'icyitegererezo wa Nganzo mu Karere ka Nyamasheke bavuga ko babangamiwe no kuba bataragezwaho umuriro w'amashanyarazi bagasaba ko byakwihutishwa kuko kutayagira bibangamiye imibereho n'iterambere ryabo. Uyu mudugudu wa Nganzo uherereye mu Mudugudu wa Nganzo, Akagari ka Ntendezi, Umurenge wa Ruharambuga mu Karere ka Nyamasheke.***

Ni umudugudu watangiye gutuzwamo imiryango ifite ibibazo bitandukanye kuva mu myaka 15 ishize. Mu miryango imaze gutuzwamo harimo iy'abatahutse batishoboye bava mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, iy'abasenyewe n'ibiza n'iy'abasemberaga kubera kutagira aho kuba.

Habimana Damascene utuye muri uyu Mudugudu, ni umwe mu babanje gutuzwa mu nzu zari zubakishije boloke sima zaje gusenyuka bikaba ngombwa ko bongera kubakirwa, ubu bakaba baratujwe mu nzu zubakishije amatafari ahiye bashimira ubuyobozi bwababahaye inzu nziza. Yagize ati: "Turashimira Akarere ka Nyamasheke bwadutekerejeho bukaduha izi nzu, zimwe zari ziri hafi yo kutugwaho."

Uyu mudugudu wa Nganzo ugizwe n'inzu z'amatafari ahiye. Abazubatse bashyizemo insinga z'amashanyarazi n'amatara ariko nta muriro w'amashanyarazi urimo ibintu bavuga ko bibagiraho ingaruka.

Ati: "Turasaba ko badushyiriramo umuriro kubera ko tuba mu kizima. Tugenda dukubita umutwe ku nkuta, dufite umuriro twaba dufite n'iterambere. Twagura imashini zo kogosha, n'izitunganya ibyo guteka".

Munganyika Drocella yunzemo ati: "Wenda mu myaka 12 ishize kuba nta muriro w'amashanyarazi twari dufite, twabyumva kuko nta muntu wari gutekereza gushyira amashanyarazi mu nzu zenda kutugwaho ariko izi nziza tuzimazemo imyaka ibiri na zo nta muriro urimo.

Mu masaha ya nijoro haba ari mu mwijima ugasanga ntabwo birebetse neza. Dufite abana biga bakabaye basubiramo amasomo mu gihe cya nimugoroba ariko ntabwo bikorwa kubera ko nta muriro uhari".

Umwe mu baturanyi bo muri uyu mudugudu na we avuga ko nta muriro w'amashanyarazi ubageraho bityo ko ugeze muri aka gace na bo baboneraho.

Uzayisenga Maria ati: "Muri uyu mudugudu duturanye na Parike ya Nyungwe, murabona ko hatabona, umuriro uzanywe mu mudugudu natwe duturiye uyu mudugudu w'icyitegererezo byadufashe ingo zacu zikabona umuriro, tukabasha kubona aho twiyogoshesha, gushesha ifu y'amasaka n'imyumbati n'ibindi."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke, Mupenzi Narcisse, avuga ko kuba Umudugudu w'Icyitegererezo wa Nganzo utarageramo umuriro w'amashanyarazi atari uko byirengagijwe, ahubwo uko habonekaga ubushobozi basangaga icyihutirwa ari ugutabara ubuzima bw'abantu bari mu nzu zishobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga, ariko ngo bakorana n'izindi nzego nk'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ingufu REG kugira ngo abatujwe muri uyu mudugudu bazabone umuriro.

Ati: "Ahagana haruguru mwabonye hari umuriro w'ingufu nkeya, monophase. Mu kuganira na REG yatubwiye ko ifite umushinga wo kuhageza umuriro ufite imbaraga bitarenze uyu mwaka wa 2026".

Uyu mudugudu w'icyitegererezo wa Nganzo utuyemo imiryango 300, ubuyobozi bw'ikigo cy'igihugu gishinzwe ingufu REG ishami rya Nyamasheke buvuga ko umuriro w'amashanyarazi ugeze ku kigero cya 98% muri ako Karere.



Abatuye mu Mudugudu w'icyitegererezo wa Nganzo barasaba umuriro w'amashanyarazi

# The Ben yasabye urubyiruko guharanira kwamamara mu byiza

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi Mugisha Benjamin uzwi nka The Ben yagaragarije urubyiruko ko rufite amahirwe menshi we na bagenzi be batigeze bagira aho kwamamara byoroshye kubera imbuga nkoranyambaga ariko abasaba gushishoza ntibazitiranye 'gushungerwa' no 'gukundwa'. Ni bimwe mu byo yagarutse mu ijoro ry'itariki 13 Kanama 2026, ubwo yari mu gitaramo cy'urwenya cyizwi nka 'Gen-z Comedy Show' mu gace kacyo kitwa 'Meet me tonight' aho yari umutumirwa wako.***

Muri ako gace hatumirwa umuntu w'icyamamare mukuru kugira ngo asangize abakiri bato bari mu nzira yo kwiteza imbere, urugendo rwe bityo batinyuke ndetse bamwigireho. Ubwo yari abajijwe niba abona hari amahirwe abona urubyiruko rw'uyu munsi rufite bo batigeze bagira The Ben yasubije ko ahari menshi.

Yagize ati: "Arahari menshi cyane, twe twatangiye radio ari izo zikomeye gusa, n'ubu zirakomeye ariko zunganirwa n'imbuga nkoranyambaga.



The Ben yagaragarije urubyiruko ko rufite amahirwe menshi

Umuhanzi utagize amahirwe yo guhura n'umunyamakuru ukomeye yakora indirimbo tukayimenya twese."

Yifashisha urugero rwa zimwe mu ndirimbo zitaracurangwa kuri radio nibura inshuro imwe ariko zamamaye kubera ba nyirazo baziririmbye ku mbuga nkoranyambaga aboneraho gusaba urubyiruko ko bashishoza bagahitamo kwamamara mu byiza.

Ati: "Hari indirimbo ikunzwe muri iyi minsi yitwa 'Jundika amazi' nk'ibyo nta radio irayicuranga ariko hano twese turayizi. Muri iyi minsi biroroshye ko umuntu yatera imbere mu gihe akoze ibintu buzima, gusa nanone icyiza ni uko watera imbere mu bintu bizima, kuko nanone muzatandukanye gushungerwa no gukundwa."

Agaruka ku buryo yakiriye uburyo inzoga z'ibyuma zaciwe The Ben yavuze ko nubwo atazinywaga ariko yizera ko Leta itafata umwanzuro wo kuzihagarika itabona ko ziteye ikibazo, aboneraho gusaba urubyiruko n'Abanyarwanda muri rusange gukurikira umwanzuro wafashwe kuko ari mwiza kuri bo.

The Ben yanavuze ko byari bigoye kumvisha umubyeyi we ko ashaka gukora umuziki icyakora ngo Muyoboke Alex ni we wamufashije kubimwumvisha kandi na we bimusaba kuguma iwabo kugira ngo yereke umubyeyi we ko ntacyo gukora umuziki byamuhinduyeho.

The Ben avuze ibyo mu gihe yanasezeranyije abakunzi be ko indirimbo ye InshaAllah bari bamaze iminsi bategereje isohoka kuri uyu wa Gatanu. The Ben amaze imyaka 18 mu buhanzi kuko yasohoye indirimbo ye ya mbere yise 'Amaso ku maso' mu mwaka wa 2008.



Aba ni bamwe mu bitabiriye igitaramo cy'urwenya cyizwi nka 'Gen-z Comedy Show'

# Korali Shalom yongewe mu bazatarama mu gitaramo cyiswe 'Umuryango mwiza'

MUTETERAZINA Shifah

***Korali Shalom ikorera umurimo w'Imana muri ADEPR yongewe mu bazatarama mu gitaramo cyiswe 'Umuryango mwiza Live Concert' kigiye kuba ku nshuro ya gatatu gitegurwa na Family of Singers Choir yo muri EPR Kiyovu.***

Iki gitaramo giteganyijwe ku Cyumweru tariki ya 20 Nzeri 2026, kikazabera kuri Camp Kigali, aho abazakitabira bazishimira ibihe bidasanzwe by'indirimbo nziza ndetse n'ubutumwa bwiza. Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, Perezida w'iyo Korali Mujawamariya Eugenie avuga ko biyemeje gutanga umusanzu wabo mu kubaka umuryango



Korali Shalom yongewe mu bazatarama mu gitaramo cyiswe 'Umuryango mwiza Live Concert'

kandi mu madini yose habamo umuryango.

Ati: "Twahisemo gutumira Korali ya Shalomo kubera ko ari umugambi wo gutegurira abantu igitaramo gihuriza hamwe amatsinda n'abahanzi bafite ubutumwa bwubaka kandi bugamije gukomeza indangagaciro z'umuryango."

Ni igitaramo cyateguwe kikazanaba ku nsanganyamatsiko y'umuryango igaragara muri Yosuwa 24:15 handitse hati: 'Ariko njye n'Inzu yanjye tuzakorera Uwiteka'.

Kongeramo Korali Shalom ADEPR byakiriwe neza cyane dore ko ubutumwa bw'umuryango bureba abantu bose hatitawe ku itorero basengeramo.

Abategura icyo gitaramo bavuga ko kigamije guteza imbere umuco wo kubana, gusangira umunezero no gukomeza umuryango binyuze mu muziki wo kuramya no guhimbaza Imana.

Biteganyijwe ko kizaba ku Cyumweru tariki ya 20 Nzeri 2026, muri Camp Kigali, aho abazitabira iki gitaramo bazishimira ibihe bidasanzwe by'indirimbo nziza ndetse n'ubutumwa bwiza.





# Arsenal yegukanye Community Shield itsinze Manchester City



Martin Odegaard yishimira igitego cya gatatu

SHEMA Ivan

***Arsenal yegukanye Igikombe cya Community Shield itsinze Manchester City ibitego 3-0 mu mukino wabereye kuri Principality Stadium mu Gihugu cya Wales kuri uyu iki Cyumweru, tariki ya 16 Kanama 2026.***

Igikombe cya Community Shield gikinirwa n'ikipe yatwaye Shampiyona n'iyatwaye 'FA Cup' mu mwaka w'imikino uba wabanjirije uwo mukino.

Arsenal yatwaye Shampiyona ni yo yatangiye neza umukino kuko ku munota wa mbere Riccardo Calafiori yafunguye amazamu ku mupira mwiza Lewis-Skelly yamucomekeye asiga ba myugariro ahita aroba umunyezamu Gianluigi Donnarumma, umupira ujya mu izamu.

Ku munota wa 28, Kai Harvetz yatsindiye Arsenal igitego cya kabiri n'umutwe ku mupira Christos Tzolis yamuhaye ari mu rubuga rw'amahina awushyira mu izamu.

Igice cya mbere cyarangiye Arsenal itsinze Manchester City ibitego 2-0.

Arsenal yakomeje gukina neza mu gice cya kabiri bidatinze ku munota wa 48, Martin Ødegaard yatsinze igitego cya gatatu ku mupira yatereye mu rubuga rw'amahina.

Nta kindi gitego cyigeze gishyirwamo, umukino urangira ari ibitego 3-0, Arsenal yegukana Igikombe cya 'Community Shield'. Izi ni intangiriro nziza ku mwaka w'imikino wa 2026/27 kuri Arsenal kuko yegukanye iki gikombe ku nshuro ya 18 mu mateka yayo.

The Gunners izatangira Premier League ikina na Coventry ku wa Gatanu, tariki ya 21 Kanama 2026, mu gihe Man City izakina na Bournemouth ku Cyumweru.



Riccardo Calafiori yishimira igitego yatsinze ku isegonda rya 25



Bruno Guimaraes uherutse kugurwa na Arsenal muri iyi mpeshyi yakinnye umukino we wa mbere

# Uwimana Clarisse yagizwe Visi Perezida wa AS Kigali yahinduriwe izina



Uwimana Clarisse yagizwe Visi Perezida wa AS Kigali yahinduriwe izina

SHEMA Ivan

***Umunyamakuru Uwimana Clarisse yagizwe Visi Perezida wa AS Kigali yahinduriwe izina ikitwa 'Kigali Football Club', asimbura Kankindi Anne Lyse uherutse kwegura ku mpamvu ze bwite. Kuri iki Cyumweru, tariki ya 16 Kanama 2026, ni bwo habaye Inteko Rusange idasanzwe y'iyi Kipe y'Umujyi wa Kigali, yibanze ku kuzuza inzego za Komite Nyobozi yatowe mu 2025, iyobowe na Rindiro Jean Chrysostome no gutegura umwaka w'imikino mushya wa 2026/27 uzatangira muri Nzeri.***

Iyi nteko yasize Uwimana Clarisse ari we Visi Perezida Wungirije wa AS Kigali, akazafatanya n'abandi kuyobora iyi kipe mu cyerekezo gishya nyuma y'uko ari yo kipe gusa isigaranywe n'Umujyi wa Kigali.

Iyi nama kandi yemeje ko iyi kipe itazongera kwitwa AS Kigali nk'izina yahawe nyuma yo kuva ku ryo yitwaga mbere rya Les Citadins, kuko yahinduriwe izina yitwa "Kigali Football Club".

Uwimana Clarisse usanzwe uri muri Komisiyo ishinzwe iterambere ry'umupira w'amaguru w'abagore mu Ishyirahamwe rya Ruhago mu Rwanda (FERWAFA). Yabaye umukinnyi mu makipe arimo AS Kigali WFC, ndetse n'Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda y'Abagore.

Mu mwuga w'itangazamakuru, ubusanzwe yari umunyamakuru w'imikino kuri B&B FM Kigali. Ibindi bitangazamakuru yakozeho birimo City Radio, Contact FM, Flash FM, Radio 10 na Vision FM.

Imvaho Nshya
Siporo



Nº. E-70 TARIKI 11 - 17 KANAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR BBC na Patriots BBC zageze ku mukino wa nyuma wa kamarampaka



Craig Randall ahanganye na Mutabazi David

SHEMA Ivan

***APR BBC yatsinze RSSB Tigers BBC amanota 105-78 naho Patriots BBC itsinda REG BBC amanota 83-79, amakipe yombi abona itike yo gukina umukino wa nyuma w'imikino ya kamarampaka yo guhatanira igikombe cya Shampiyona ya Basketball mu bagabo.***

Iyi mikino ya gatanu ya ½ yakinwe mu ijoro ryo ku wa Gatanu, tariki ya 14 Kanama 2026 muri Petit Stade i Remera. Amakipe yombi yagiye muri iyi mikino anganya intsinzi ebyiri, bityo buri imwe yasabwaga gutsinda kugira ngo ikomeze ku mukino wa nyuma.

APR BBC yatangiye umukino neza ibifashijwemo n'abakinnyi barimo Axel Mpoyo na Craig Randall bayitsindira amanota menshi. Agace ka mbere karangiye iyoboye umukino n'amanota 32-17.

Mu gace ka kabiri, umukino wagerageje kwegerana ikinyuranyo kiba gito, cyane ko Tarik Bey yari yatangiye gutsindira Tigers amanota menshi. Igice cya mbere cyarangiye ikinyuranyo cyagabanyutse, ariko APR ikomeza kuyobora umukino n'amanota 47 kuri 40 ya RSSB Tigers.

Mu gace ka gatatu, umukino wakomeje kugenda muri uwo mujyo ariko Ikipe y'Ingabo itangira kongera ikinyuranyo, ibifashijwemo na Craig Randall na Teafale Lenard kigera ku manota 21 (80-61). Aka gace karangiye APR BBC yagejejemo ikinyuranyo cy'amanota 17 ifite 80-63.

Ikipe y'Ingabo yakinanye agace ka nyuma ubunararibonye, itemera ko ikinyuranyo cyayo kivamo binyuze muri Craig Randall, Adonis Filer na Axel Mpoyo bayitsindiraga cyane. Mu minota ya nyuma, Tigers yavuye mu mukino bigaragara, itsindwa amanota menshi.

Umukino warangiye APR BBC yatsinze RSSB Tigers BBC amanota 105-78, yuzuza intsinzi eshatu yasabwaga ngo bituma igera ku mukino wa nyuma wa kamarampaka ku nshuro ya kane yikurikiranya. Ku mukino wa nyuma izahura na Patriots BBC yasezereye REG BBC iyitsinze amanota 83-79.

Umukino wa nyuma wa mbere uzakinwa ku Cyumweru, tariki ya 16 Kanama 2026, aho amakipe yombi azakina imikino ishobora kugera kuri irindwi, izatanga indi kubona intsinzi enye yegukane Igikombe cya Shampiyona.



Stubbs Jeffery Tyrone wagize umukino mwiza yafashije Patriots kugera ku mukino wa nyuma



Zouzoua Nisre Mimi agerageza gutsinda ahanganye na Shema Osborn